# Kuki Utaka? Vuga!

Jeffersonville, Indiana, USA

14 Nyakanga 1963

1 Imana ibahe umugisha! Tugume duhagaze akanya gato, mu gihe twunamishije imitwe. Hari ikifuzo kidasanzwe? Niba mubishaka, mukimenyeshe muzamuye ikiganza cyanyu Ku Mana muvuga muti: « Mwami, Uzi ikifuzo cyanjye. »

2 Data wo mu ijuru, turi ubwoko buhiriwe muri iki gitondo kuba duteraniye mu nzu y'Imana, kuko tuzi ko hari benshi bifuje kuba mu nzu y'Imana muri iki gitondo, ariko bari mu bitaro, ku buriri bw'abarwayi. Ariko twe watugiriye ubuntu bwo kuza hano uyu munsi. Mwami, ntituza na rimwe, kweyerekana, nubwo dukunda gusabana n'abandi; ariko dushobora kubikorera mu ngo zacu. Ariko twaje hano ku bwo gusabana n'Uwa duhuje nk'abana na bene Data bakundwa.

Ubu ngubu Turagushimiye. Kandi uburyo bumwe tuzi bwo gusabana neza na We, ni uguteranira ku Ijambo Ryayo. Ijambo Ryawe ni Ukuri. Duteraniye hano ku bwo kwacyira imbaraga z'umwuka; turazikeneye, Mwami. Tugomba gukomezwa kugira ngo twihanganire umusaraba twikoreye. Turagusaba kohereza uyu munsi Umwuka Wera ngo udukomeze twese. Subiza ibyifuzo by'ubwoko Bwawe, kuko bateranye bakakuzamurira ibiganza, bakwereka kobabikeneye. Subiza buri cyifuzo, Mwami!

3 Tugushimiye ko warinze ubuzima bwa mushiki wacu Ungren, ejo nimugoroba, mu mpanuka yagiriye hariya, ku muhanda. Waramurinze, Mwami, kandi turabigushimiye.

Noneho, turagusaba, Data wo mu ijuru, ngo ukomeze kubana natwe kandi udufashe mu rugendo rwacu. Twambike imbaraga Zawe kandi uduhe kwizera kugira ngo tumenye ko kugaragara Kwawe kutaneshwa kuri bubana natwe. Mu gihe tudashoboye kubyikuramo, tuzi ko abamarayika b'Imana barambura amababa impande y'Abayubaha ngo babarindire mu nzira zabo zose ngo badakubita ikirenge ku ibuye. Ubu turagusaba ngo uhe umugisha Ijambo Ryawe kandi unyuriye muri twe utuvugiremo, mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina.

4 Nejejwe n'akazuba kari hanze, kuba hari umucyo. Ikirere cyari kimeze nabi muri iki gitondo. Kandi ndatekereza, ko cyane cyane muri aka karere, ikirere kirijimye cyane. Biranejeje kubona izuba rirashe.

Kubijyanye n'iteraniro rito ry'umuryango uyu munsi, mpura n'abavandimwe kwa mushiki wanjye, na bamwe mu babyeyi bacu batuye mu mujyi no mu nkengero. Hari umuryango munini w'aba Branham. Baramutse baje hano bava i Kentucky, ndatekereza ko twakodesha umujyi. Ni benshi cyane. Ariko nari nsubiye gusa mu rugo. Dufite akamenyero ko guhurira kwa mama, yari inkingi yaduhuje twese. Ariko Imana yisubije iyo nkingi mu Ijuru, kandi nizera ko umunsi umwe tuzongera kumubona hariya.

5 Noneho, urya munsi naravuze nti :« Murazi, ndizera ko nzagura ibibwiriza byanjye byo ku cyumweru by'iminota hafi makumyabiri cyangwa mirongo itatu, hanyuma nsengere abarwayi. » Nabitekerejeho muri iki gitondo.

Kandi ejo nimugoroba nabitekerejeho, igihe mushiki wacu Downing yampamagaye aravuga ati… yahamagaye Billy aramubwira ngo we na mushiki wacu Ungren bari mu muhanda hanyuma bakora impanuka. Nuko mu gihe Billy yari akiri mu idirishya, sinibuka isaha, wenda ni muri iki gitondo, ku isaha runaka ; nari nasinziriye umwanya munini. Ndeba iruhande kwa mwene Data Wood, amatara yari azimije.

Hanyuma ndapfukama kugira ngo nsenge, nuko, Ikintu kirambwira ngo : « Byose bimeze neza. » Mbwira Billy nti: « Mubwire ko nizera ko byose bigenda neza. »

Ndanezerewe cyane kubabona hano, muri iki gitondo, bicaye mu nzu y'Umwami, hariya inyuma.

Kuvuga ko hari abantu bagukunda kugeza aho bakora ibirometero byinshi baje kumva Ubutumwa. Noneho, natekereje ko ikibwiriza cy'iminota makumyabiri, n'uburyo mbwiriza buhoro, kitagira icyo kibamarira.

Noneho, kumva muri iki gitondo mwene Data Ungren, umuhungu we, aririmba: Uri nkuru! Ibyo bivuze byinshi kuri we muri iki gitondo kurusha ejo bundi nyuma ya saa sita, kuko Imana ikomeye yo mu Ijuru yarinze nyina na mushiki we.

6 Noneho, uyu munsi, dutegereje kugira ibihe bihawe umugisha mu Mwami. Nari mfite ahantu habiri nanditse narebaga, ariko sinashoboye guhita mbona aho nagombaga kuvugaho muri iki gitondo. Hamwe muri aho hari: *Mumwikoreze amaganya yanyu, kuko Abitaho.* Noneho, niba Abitaho, none kuki mwe mutamwitaho?

Undi, ni Billy Paul, oya, ntabwo ari Billy Paul, ahubwo n'undi muhungu wanjye, Joseph, wanzaniye uru rupapuro, hashize umwanya. Umunsi umwe, yari yicaye mu cyumba, nyuma yo kubura amaso ku kibaho, arambwira ati (Joseph akunda cyane ubwato, nk'abandi bana bato bose, ubwato n'amafarasi), nuko arambaza ati: « Papa, Yesu agira ubwato? » Ndamusubiza nti :«Ntabyo nzi.»

7 Noneho, amaze kubyuka asohotse, ndatekereza nti : «Yesu Agira ubwato ? » Nuko nkuramo inyigisho nanditse muri aka gatabo kanjye : Yesu Agira ubwato ?

Ndatekereza nti : Igihe Yari ku isi, Yagombye gutira inda kugira ngo ayivukiremo, imva kugira ngo ayihambwemo, ubwato kugira ngo abubwizemo, nyamara ni We Musare w'ubwato bwa kera bw'i Siyoni. Ni ukuri. Ariko nibwiye ko wenda nyuma nzavuga kuri ibi bibwiriza natekerazagaho, mbere yo gutaha.

Murazi, nkunda kuvugira hano, mu ngando, kuko ari itorero ryacu bwite. Twumva dufite umudendezo wo kuvuga ikintu cyose Umwaka Wera avuze. Ahandi, nubwo baguha ikaze, mwumva muguwe nabi, kuko muri mw'itorero ry'undi muntu ; rero mukwiye kuba abagwaneza mukubaha ibitekerezo byabo n'imyemerere yabo.

8 Nagize ibihe byiza iki cyumweru kwa mwene Data Burcham. Nagiye mu ruganda rwabo rwa foromaje. (Ndamubona, umugore we, umuhungu we n'abandi bari hano muri iki gitondo.) Nahoraga nibaza ko aho bakorera foromaje hasa n'ahandi hantu nagiye: yo! Hasa nabi cyane, hadafite isuku! Yoo! Nshobora kubabwira ikintu kandi mukacyemera, ntabwo ari ko bimeze hariya: Ni ahantu hasa neza ntigeze ninjira, cyane cyane aho bakorera foromaje. Nibwiriga ko: « wenda bakora ibiro 45 bya foromaje ku munsi. » Ariko bakora toni 6 ku munsi! Hari inganda 3 zikora. Naribajije nti: «Yoo! Ni nde urya izi foromaje zose?»

Kandi Umwami yahaye umugisha cyane uyu mugabo. Nagize amahirwe yo kujya iwe; ni ikadiri nziza cyane, kandi afite umufasha wiyegurira Imana. Nta mpamvu n'imwe bafite yo kutabaho iminsi yose ku bwa Kirisito nkuko babikora. Nabonye ndetse n'abahungu be, ni abana beza cyane. Twishimiye ubusabane tugirana hagati yacu.

Namenye ko umwungeri wabo wa mbere yari umugabo nari nzi: mwene Data Gurley, umugabo mwiza, ufite kwizera kwa gipantekoti. Hashize imyaka myinshi mpuriye na we i Jonesboro muri Arkansas, ariko sinari nzi ko ari we mwungeri wabo.

9 Noneho, mwibuke amateraniro yo ku mugoroba. Kandi Umwami nabishaka, ndizera ko tuzongera kubivugaho icyumweru gitaha. Ndatekereza ko icyumweru gitaha, nzajya I Chicago; nzaba ndi kure ku bw'igihe runaka. Ngomba kugarura umuryango wanjye iwacu, kubagarura muri Arizona, kugira ngo abana babashe gusubira ku ishuri. Nibwo tutazongera kubangamira umwungeri muri gahunda ze. Turashima cyane mwene Data Neville ku bw'ubugwaneza bwe, murabizi… Nkunda mwene Data… umuntu umeze kuriya, utagira uburiganya muri we; nta kwikunda agira, ni umukirisito nyakuri. Ndamukunda.

10 Turasoma umurongo w'Ibyanditswe, hanyuma tugire icyo tubivugaho. Ntabwo nzi isaha nyayo dusorezaho, n'ibi bibwiriza birebire. Urya munsi navugaga uburyo mbwiriza igihe kinini, hanyuma umuntu arambwira ati : «Uramutse uvuze mu minota micye, dore ko ubwiriza nko mu bwiru, aravuga ati, nta kintu twazigera twumva.» Aravuga ati : « Komeza uvuge gusa, nyuma y'igihe twagira icyo dutoramo. » Wenda Umwami ni uko yabishimye. Twongere twunamishe imitwe.

11 Mwami, Ijambo Ryawe ribumbuwe ku gicaniro, kandi tuzi ko umunsi umwe, Rizabumbwa ku nshuro ya nyuma ; Rihinduke umubiri. Twishimiye uyu mwanya tubonye muri iki gitondo kandi ku bw'Umwuka Wawe Wera, tubumburire ibigize iri Jambo tugiye gusoma. Reka Umwuka Wera atwigishe none ibintu dusabwa kumenya, hanyuma nk'inyiturano, dutege amatwi twitonze buri Jambo kandi turifatane agaciro. N'abari kumvira kuri bande nabo bumve bitonze. Reka tubashe gusobanukirwa icyo Umwuka Wera ageragеza kuduhishurira, kuko tuzi ko, niba yaradusize, uko gusigwa si impfabusa. Ni ku bw'impamvu : reka ibyo bibashe kuzanira ibyiza ku Mwami.

Reka tugire umudendezo wo kuvuga n'uwo kumva, kandi tubashe kugira kwizera ibyo twumvishe, nkuko ari Ijambo ry'Imana, kugira ngo ibyo bitugeze ku Bugingo bw'Iteka, ku Munsi ukomeye uje. Duhe umugisha none. Ducyahe igihe turi mu ikosa. Tumenyeshe amakosa yacu kandi uduhe umugisha mu nzira itunganye, kugira ngo tubashe kumenya inzira ducamo n'uburyo tugomba kubaho muri iy'isi ya none, kugira ngo binyuriye mu buzima bwacu, tubashe kubaha Yesu Kirisito wapfuye kugira ngo aduhe Ubugingo mu bwiza hakurya. Tubigusabye mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina !

12 Noneho, ndashaka gusoma imirongo ibiri y'Ibyanditswe muri iki gitondo ; umwe uri mu Gitabo cyo Kuva. Yombi iri mu Gitabo cyo Kuva, umwe ni mu gice cya 13, umurongo wa 21 na 22, undi ni mu gice cya 14, umurongo wa 10,11, na 12. Ngiye kuyisoma noneho, mu Kuva 13.21

> *Uwiteka ku manywa yabagendaga imbere ari mu nkingi y'igicu ngo abayobore, nijoro yabagendaga imbere ari mu nkingi y'umuriro ngo abamurikire, babone uko bagenda ku manywa na nijoro.*
>
> *Ya nkingi y'igicu ntiyavaga imbere y'ubwo bwoko ku manywa, kandi iyo nkingi y'umuriro ntiyabuvaga imbere nijoro.*

Noneho, mu Kuva 14, umurongo wa 10 :

*Farawo arabakurikira, Abasirayeli bubura amaso babona Abanyegiputa bahuruye inyuma yabo baratinya cyane. Abisirayeli batakira Uwiteka.*

*Babaza Mose bati: Nta mva zari muri Egiputa, kutuzana ngo dupfire mu butayu? Ni iki cyatumye utugirira utyo, kudukura muri Egiputa?*

*Si ibyo twakubwiriraga muri Egiputa tuti: Tureke dukorere Abanyegiputa, kuko ikiruta ari uko dukorera Abanyegiputa, biruta ko dupfira mu butayu?*

Ngiye gusoma na none indi mirongo.

*Mose asubiza abantu ati : Mwitinya… (Noneho, mwumve ibi mwitonze)… Mose asubiza abantu ati : Mwitinya, mwihagararire gusa, murebe agakiza Uwiteka ari bubazanire uyu munsi ; kuko Abanyegiputa mwabonye uyu munsi mutazongera kubabona ukundi.*

*Uwiteka ari bubarwanire, namwe mwicecekere.*

*Uwiteka abaza Mose ati: Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisirayeli bakomeze bagende.*

*Nawe umanike inkoni yawe, urambure ukuboko hejuru y'inyanja uyigabanye, Abisirayeli bace mu nyanja hagati nko ku butaka.*

*Nanjye ndanangira imitima y'Abanyegiputa, bajyemo babakurikire; mbone kwihesha icyubahiro kuri Farawo no ku ngabo ze zose, no ku magare ye no ku bahetswe n'amafarashi be.*

*Abanyegiputa bazamenya yuko ndi Uwiteka, nimara kwihesha icyubahiro kuri Farawo no ku magare ye, no ku bahetswe n'amafarashi be.*

Marayika w'Imana wajyaga imbere y'ingabo z'Abisirayeli arahava ajya inyuma yabo, ya nkingi y'igicu iva imbere yabo ihagarara inyuma yabo.

Ijya hagati y'ingabo z'Abanyegiputa n'iz'Abisirayeli: bariya ibabera igicu cy'umwijima, abandi ibabera umucyo ubamurikira nijoro, ntibegerana iryo joro ryose.

Mose arambura ukuboko hejuru y'inyanja. Uwiteka yohereza umuyaga mwinshi uvuye iburasirazuba ijoro ryose, usubiza inyanja inyuma amazi uyagabanyamo kabiri, maze hagati y'aho yari ari hahinduka ubutaka bwumutse. Abisirayeli bajya mu nyanja hagati bacaho nko ku butaka, amazi ababera nk'inkike iburyo n'ibumoso.

Abanyegiputa barabakurikira, amafarashi ya Farawo yose n'amagare ye, n'abahetswe n'amafarashi be, bijya mu nyanja hagati babakurikiye.

Mu gicuku cya nyuma, Uwiteka yitamururiye mu nkingi y'umuriro n'igicu, yitegereza ingabo z'Abanyegiputa bacikamo igikuba.

Akura inziga ku magare yabo, bituma akururika aruhije cyane. Abanyegiputa baravugana bati: Duhunge Abisirayeli, kuko Uwiteka abarengera, akarwanya Abanyegiputa.

13 Ijambo ry'Umwami rirahebuje, ni ryiza cyane, ku buryo utabasha guhagarika Kurisoma. Rihinduka rizima, mu gihe Turisoma. Ndatekereza ko, iki cyanditswe muri iki gitondo, nubwo biri gufatwa amajwi, ndashaka kuvuga ibi mbere yo gutangira. Ejo ubwo nari ndi gusoma, naguye kuri iri somo nuko ndatekereza: «Ndabivuga Umwami nabishaka, kuko bincisha bugufi. » Kandi ndizera ko biri buducishe bugufi twese, kugira ngo tubashe kureba hejuru twige gato, tugereranye urya munsi n'uyu munsi.

14 Ndashaka gufata amagambo atatu nk'isomo ryanjye,ni: Kuki utaka? Vuga! Imana ibwira Mose, hano, ku murongo wa 15: « Kuki muntakira? Bwira abantu, bagende.» Noneho : Kuki utaka ? Vuga !

Dufite, isomo ryiza, kandi ndagerageza kurivugaho nihuse bishoboka, ngendeye m'ukuyoborwa k'Umwuka Wera. Ndashaka gutekereza kuri iki cyanditswe, kuri Mose watakiye Imana mu gihe cy'akaga ; nuko Imana imucyaha ari mu cyigeragezo. Ni ibisanzwe ko umuntu ataka. Noneho, mbega gucyahwa, igihe Imana yamucyashye avuze kuriya, kuba Yaramutakiye ! Birakomeye.

15 Akenshi, igihe dufashe Ibyanditswe tugendeye mu buryo bwacu bwite bwo kubona ibintu, birakomera. Ariko iyo tubyize buhoro buhoro, tubona ko Imana ifite ubwenge butagereranywa izi neza neza icyo Ikora. Kandi Izi uburyo ikora ibyo bintu n'uburyo ikorana n'umuntu. Izi ikiri mu muntu. Iramuzi, ari ko twe, siko biri. Tubizi gusa mu buryo bw'ubuhanga. Azi nyakuri ikiri mu muntu.

Mose yaje ku isi, yari umuhungu uzi ubwenge. Yavukiye kuba umuhanuzi, umucunguzi. Avukana ibisabwa byose muri we, kimwe nkuko umuntu wese uje ku isi avukana ibyo bisabwa. Nizera cyane mu kumenya mbere kw'Imana no mu gutoranywa mbere.

16 Ntabwo Imana yifuza ko hari abarimbuka, ahubwo ko bose bihana. Ariko, nk'Imana, Yagombaga kumenya, Izi neza iherezo mbere y'itangiriro. Murabona ? Niba Itabizi, ubwo ntabwo Ari Imana. Ntiyifuzaga ko hagira abarimbuka, ahubwo Yari izi uzarimbuka n'utazarimbuka.

Impamvu, intego yazanye Imana ku isi, yari iyo gucungura abo Imana, mu kumenya Kwayo mbere, yabonaga ko bazakizwa, murabona, kuko isi yose yari iciriweho urubanza. Simbona ukuntu twabyigisha keretse kuvuga kumenya mbere kw'Imana. Kandi Bibiliya ivuga neza ko Izi iherezo mbere y'itangiriro, kandi Ishobora kurimenyesha.

Niyo mpamvu, igihe umuntu agerageje kuba icyo atari cyo, aba ari kwigana gusa, kandi amaherezo ashyirwa ahabona. Ibyaha byanyu bizabagaragara. Ntimushobora kubitwikira. Hari ikintu kimwe gitwikira icyaha, ni Amaraso ya Yesu Kirisito ; kandi ntibyakorwa keretse Imana yarabahamagaye mbere yuko isi ishyirwaho urufatizo. Niyo mpamvu ayo Maraso yamenwe, atari ukugira ngo Akandangirwe hejuru, cyangwa asekwe, cyangwa Akinishwe, cyangwa Avugwe nabi, n'ibindi, ahubwo byari ku bw'impamvu izwi. Ni ukuri. Ntabwo ari ukugira ngo Tuyakinishe, cyangwa Tuyigane, tuvuga duti ibyaha biratwikiriye, kandi atari uko biri ; kandi nta muntu wagira ibyaha bitwikiriye, keretse gusa izina rye ryanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo bw'Umwana w'Intama mbere yuko isi ishyiraho urufatizo. Yesu Ubwe, yaravuze ati :« Nta wubasha kuza aho Ndi, kereste akuruwe na Data kandi abo Data yampaye (igihe cyahise) bose baza aho Ndi.» ni byo. Ntimushobora gukoresha ibinyoma Aya magambo, Ahari ku bwo guhamiriza Ukuri no gukosora.

17 Mose yavukanye impano yo kwizera. Mose yari kwizera gukomeye, twabonye byigaragaza muri we mu gihe runaka. Yavukiye mu muryango mwiza, kuko tuzi ko se na nyina baturukaga mu muryango wa Lewi. Ibyanditswe bibanziriza ibi, mu Gitabo cyo Kuva, cyigaragaza neza ubuzima bw'uyu muntu ukomeye. Yari umwe mu bantu bakomeye muri Bibiliya, kuko yashushanyaga neza neza Umwami Yesu.

Yavutse mu buryo budasanzwe, nk'Umwami Yesu. Yavutse mu gihe cyo gutotezwa, nk'Umwami Yesu. Yavukiye kuba umucunguzi, nk'Umwami Yesu. Ababyeyi be baramuhishe kugira ngo bamurinde umwanzi, nk'Umwami Yesu.Yari umuyobozi, nk'Umwami Yesu. Yari umuhanuzi, nk'Umwami Yesu, kandi yari umunyamategeko, nk'Umwami Yesu.

Kandi tubona ko yapfiriye ku Rutare, kandi yarazutse, kuko nyuma y'imyaka magana inani, yahagaze ku musozi wo Guhindurwa, avugana n'Umwami Yesu, murabona? Abamarayika bari baramutwaye. Nta muntu uzi aho yahambwe; ndetse na Satani ntabyo yari azi. Nukuri, sinizerako yahambwe. Nizera ko Imana yamutwaye apfira ku Rutare yakurikiye iminsi yose y'ubuzima bwe.

Yari urugero rutunganye rwa Kirisito. Yari umwami ku bantu; yari umunyamategeko, yari ubufasha ku bantu; muri byose yari urugero rwa Kirisito.

18 Noneho, tubona ko yaje mu isi afite muri we impano zikomeye n'indangagaciro nziza. Byasabye gusa ko Ikintu runaka kizirasire kugira ngo zigire Ubuzima.

Mu by'ukuri, murabona, ko imbuto y'Imana yashyizwe muri twe uhereye ku rufatiro rw'isi. Kandi, igihe uyu Mucyo umuritse kuri iyi mbuto bwa mbere, Iwuha Ubuzima, ariko Umucyo ugomba kubanza kuza ku mbuto.

Nkuko mpora mbyigisha, ibyerekereye wa mugore ku iriba, mu buzima yari arimo. Nubwo yari umuntu uba mu buzima bubi, yari aburimo kuko imigenzo ntacyo yari yaramukozeho ariko igihe Umucyo wamumurikiye ku nshuro ya mbere, yahise Awumenya, kuko muri we harimo ikintu cyo gusubiza. Igihe umubande uhamagaye undi mubande, hagomba kubaho umubande ahantu runaka kugira ngo witabe.

Mose yavutse ari umuhanuzi, ariko yarerewe mu ishuri ry'intiti no mu rugo rwa Farawo. Uwo Farawo Seti wo yakuriye ku ngoma ye, yari umuntu wubahaga kandi wizera ko Yozefu yari umuhanuzi w'Umwami ariko Ramusesi ntiyitaye kuri Yozefu. Aho ni ho ingorane zatangiriye, ubwo haje Farawo utari uzi Yozefu.

Ariko iyo mico myiza… Tuyivugeho umwanya muto, mbere yuko twinjira mu gice cy'ingenzi cy'isomo. Mfite uburyo butangaje bwo guhitamo isomo, hanyuma, nkarisesengura. Umwami adufashe muri iki gitondo, mu gihe turivugaho.

19 Mose yaje ku isi afite impano ikomeye yo kwizera ; hanyuma, arasigwa ahabwa umurimo ku gihuru cyaka umurimo ngo abohore ubwoko bw'Imana. Noneho, tubonye imico myiza y'uyu mugabo ! Yaje ku isi kubw'ikintu runaka ; Imana yaribifitemo umugambi.

Kuba muri hano Imana ibifitiye umugambi. Murabona ? Iyaba gusa mwashoboraga kuba… kugera kuri urwo rwego, ni ingorane zingana iki byaba bibarinze ku Mana namwe ubwanyu!

Mose yaravutse, nyuma arasigwa. Kandi mwitegereze : Imbuto yari ihari, hamwe n'ubwenge no kwizera kose kuko yari yaravukiye kubohora ubwo bwoko. Nyamara, iyo mbuto ntigiyigeze igira Ubuzima mbere yuko Umucyo wo mu gihuru cyaka umuriro umumurikira na mbere yuko abona… atari ikintu

yasomye, ahubwo Ikintu yabonaga n'amaso ye, Ikintu cyamuvugishaga, nawe akagisubiza ! Yoo ! mbega ukuntu ibintu byahindutse bizima !

20 Ndatekereza ko umugabo wese… cyangwa umugore, umuhungu cyangwa umukobwa, ndatekereza ko, hamwe n'imyumvire yo mu bwenge, y'Ijambo n'ibindi, ntiyashobora na rimwe kugira urufatizo rutunganye mbere yuko ahura n'uwo Mucyo uzana iryo Jambo rigahinduka ukuri.

Ntekereza ko nta torero na rimwe, icyo ryaba rikora ryose, uko ryaba rifite ubwenge kandi ritsimbarara ku bitekerezo byaryo, iryo torero ntiryatera imbere, mbere yuko Ikirenze ibya kamere kimenyekanisha muri abo bantu kandi bakakibona, Ikintu bavugisha, kikabasubiza kikanahamiriza Ijambo ryanditswe.

21 Noneho, mwibuke, igihe Mose yabonye igihuru cyaka umuriro, iryo Jambo ryarahamirijwe neza neza. Ryari Ijambo. Mose ntiyihebye :« Iri Jwi ni irihe ? Iki Cyaremwe ni ikihe ?» Kubera ko Imana, mu Byanditswe, mu Itangiriro, yari yarabyanditse: «Ubwoko bwawe buzasuhukira mu gihugu kitari icyabo, ariko bazataha nyuma y'imyaka magana ane ; bazagaruka muri iki gihugu, kuko gukiranirwa kw'Abamori kutaruzura.»

Noneho, amagana n'amagana y'imyaka mbere, Imana yari yaravuze ko Isirayeli izasuhuka ibabarizwe mu gihugu cy'amahanga ihabe mu gihe cy'imyaka magana ane, ariko Imana, kubw'ikiganza gikomeye, izabakura muri icyo gihugu. Noneho, murabona, hamwe n'iki gihuru cyaka umuriro…

Mose yarabizi mu buryo bw'ubwenge, kandi imbuto yari yaramuvukiyemo yari mu mutima we. Nuko agerageza, akoresheje imyumvire y'ubwenge bw'Ijambo, kugira ngo abakure, ababohore, kuko yari azi ko ari cyo yavukiye. Yari azi, ko ari cyo gihe. Byose, mu Byanditswe, byerekana ko hari hashize imyaka magana ane bari aho muri icyo gihugu.

Kimwe nkuko mu kanya umuntu yambajije, ibyo Kuza n'Izamurwa. Turabizi. Twabayeho mu gihe cyose twahawe. Igihe cy'Izamurwa kiregereje. Kandi turi gushaka « kwizera kw'Izamurwa», kuzategura Itorero Kukariha imbaraga ndengakamere, zishobora guhindura iyi mibiri dutuyemo. Igihe tubonye Imana izura abapfuye, bakagira ubuzima, ikabatwereka ;igihe tubonye Imana ifata umuntu wamunzwe na kanseri, ikamukiza ikamuhindura umuntu ukomeye ufite ubuzima bwiza, ibyo byagahaye abantu kwizera kw'Izamurwa. Igihe uyu Mucyo uzamurika mu ijuru n'impanda ikavuzwa, Umubiri wa Kirisito uzaterana hanyuma uhindurwe, ku bwo kuzamurwa mu ijuru.

Yego, ikintu nk'icyo kigomba kubaho, n'amashuri yacu ya tewologiya agomba kubikora; nyamara, ni meza, mu by'ubwenge. Ariko mugomba guhura n'uwo Mucyo! Mugomba kubona icyo Kintu.

22 Hano, Mose yari yashingiye umuhamagaro we ku Ijambo (kandi byari byiza), kugeza ku munsi yahuye n'Umucyo, n'Ijambo Ubwaryo riramusubiza. Hanyuma, yakira gusigwa. Ibyo bizana gusigwa ku byari muri we, ibyari mu imbere, ubwenge bwizeraga ibyo, kwizera kwari gushingiye mu Mana kwari kwaramutandukanije na nyina. Noneho, igihe yinjiye mu Kugaragara ku Mucyo, Kwasize ibyo yizeraga. Murabona ? Mbega gusigwa ! Nuko ahabwa umurimo.

Tuzi ko mu buryo bw'ubwenge, yari yumvise nyina. Yari azi ibyari kuzaba kandi yari azi ko ari kubaho muri icyo gihe. Ariko, hano, yamenyeko ntacyo yagezeho, kandi ko kwizera kwe kwagabanutseho gato. Ariko igihe ku gihuru, Imana ivuga iti : « Numvishe gutaka k'ubwoko Bwanjye maze Nibuka isezerano Nahaye ba sogokuruza banyu Aburahamu, Isaka na Yakobo, nuko Ndamanuka.» Njye, ikinyazina bwite. « Manutse kubabohora.»

23 Ubu ngubu, nongereho ibi gusa… kandi Imana imbabarire niba bigaragara nk'igicumuro :« Nta cyo nkora ku isi, ntanyuriye mu bantu. Njye ndi Umuzabibu, namwe muri amashami, Nigaragaza gusa igihe Mbonye umuntu. Naragutoranije kandi Nkoherejeyo kugira ngo ubakureyo. » Murabona ? Mwitegereze : « Nzavugira mu kanwa kawe… Fata iyi nkoni. »

Nuko Mose aravuga ati : « Nshobora kubona gihamya ko Wantumye, kandi ko Wansize, kandi ko Uzakora ibyo bintu ? »

Iravuga iti : « Ni iki ufite mu ntoki ? »

Arasubiza ati : « Inkoni. »

Iravuga iti : « Yijugunye hasi.» Ihinduka inzoka ; Mose arahunga.

Iravuga iti : « Yitoragure.»Irongera ihinduka inkoni. Iravuga iti :

« Shyira ikiganza cyawe mu kwaha.» Agikuramo, cyuzuye ibibembe ; agisubizamo, kirakira. « Abona Icyubahiro cy'Imana.»

24 Haravuzwe ngo: « Abona Icyubahiro cy'Imana. » Mose ntiyari agifite ibibazo. Mwabonye atigeze

yongera guhungira mu butayu? Yari azi ko yasizwe. Yari azi ko ibyo bintu byose byari mu mutima we, ibyo byiza byamurangaga, yamenye ko noneho bisizwe. Ariteguye. Yiteguye kugenda ; asubiye muri Egiputa.

Imana yari yaravuze iti: « Nzabana nawe.» Ibyo byari bihagije. Iyo Nzabana nawe, ni icyo Mose yagombaga kumenya kubw'uwo muhamagaro ukomeye mu mutima we. Kandi Imana yari yaravuze iti : Nzabana nawe. »

Imana nayo yari yahamirije imigambi ya Mose. Mose yatangazaga ati : « Nahuye n'Uwiteka.» Yambwiye kubabwira ngo :« Ndi intumwa.» Murabona ?

Hanyuma, baravuga bati :« dore umuntu, undi muyuda ; biragaragara ko ari umwe mu bakundirira baje, nkuko tumenyereye kubabona, hamwe n'imigambi yose yo kutubohora mu buretwa.» Kandi muzi ukuntu abantu bateye. Igihe ari imbata cyangwa bari mu bubata ku mpamvu runaka, bahora babereka uburyo bwo kubikoramo, murabizi.

Noneho Mose… Imana yari yarahaye Mose isezerano: «Nzabana na we; Nzaba muri wowe. Amagambo yanjye azaba ayawe. Uzavuga Amagambo Yanjye, kandi uzavuga gusa icyo Mvuze.

25 Hanyuma, ubwo Mose yamanukaga, yumvikanisha uwo muhamagaro ahagarara imbere ya Farawo, amubwira ko Uwiteka, Imana y'Abaheburayo, yavuze iti: « Rekura abana b'Isirayeli », yanga kubarekura. Hanyuma, Mose akora igitangaza imbere y'abakuru n'imbere ya Farawo; kandi ni ibimenyetso Imana yagaragaje.

Aravuga ati: Noneho ejo, ku isaha nk'iyi, izuba rizabura. Hazaba umwijima muri Egiputa yose.»Ibyo biba neza neza nkuko abivuze. Arongera, aravuga ati: « Isazi zizaza mu gihugu. » Atunga inkoni ye ahamagara isazi; nuko isazi ziraza. Arahanura; ibyo yari yahanuye byose birababa neza neza. Yari Imana. Murabona ?

26 Imana yari yaramuhamagaye kuva akivuka Imuha kwizera gukomeye ; hanyuma, Imanukana Kugaragara Kwayo, isiga icyo kintu cyari muri we hanyuma Imwohereza n'Ijambo Ryayo. Akurwaho ubwiyemezi bwe bwose. Uko abatekamitwe bagiye bagaragara n'ibindi byose byagiye biba, Imana yaravugaga… Mose yari ahamirijwe. Icyo Mose yavugaga, Imana yaracyubahishaga ! Ndashaka ko mutazigera mwibagirwa iri jambo : Icyo Mose yavugaga, Imana yaracyubahishaga, kuko Ijambo ry'Imana ryari muri Mose. « Nzabana n'akanwa kawe. Kazavuga ibintu by'ukuri.» Icyo Imana yavugaga, Yakivugiraga muri Mose, kandi ibyo bigahamiriza kandi bikuraho ubwiyemezi bwe.

27 Nyina nawe yamubwiye ku by'ivuka rye ridasanzwe ndetse amubwira ko igihe cy'ubucunguzi kigereje. Amuramu na Yokebedi, umuhungu n'umukobwa ba Lewi, batangira gusenga Imana ngo yohereze umucunguzi. Igihe mubonye igihe cy'isezerano kigereje, bitera abantu gusenga no kubigirira inyota. Kandi nta gushidikanya, Yokebedi yahoraga amubwira (yari nyina, kandi yari n'umurezi we, dukurikije inkuru), yari yaramubwiye uburyo yari yasenze.« Kandi, Mose, muhungu wanjye, igihe waje ku isi, wari umwana mwiza. Wari utandukanye. Hari ikintu cyabaye igihe wavutse. »

Nabigaragarije abantu, nta gihe gishize, mbabwira ko, mu gihe Amuramu yasengaga mu cyumba, yabonye Marayika akuramo inkota Ye, ayitunga amajyaruguru aravuga ati :« Uzabyara umwana, kandi azajyana abana b'Isirayeli mu cyirekezo cy'amajyaruguru, mu Gihugu cy'isezerano.» Nabigaragaje kugira ngo abana bato babyumve neza. Ubwenge bwabo ntiburagera ku rwego nkurw'abakuze, busobanukirwa ibintu nkuko Umwuka Wera abubihishuriye.

28 Nubwo nyina yari yaramubwiye ibyo bintu akabimeya, yari agikenye guhura n'ikindi kintu. Ubumenyi bwari bwiza, ariko yari akeneye guhura n'ikindi kintu mu buryo bwihariye.

Ni cyo isi ikeneye uyu munsi. Ni cyo itorero ikeneye uyu munsi. Ni cyo buri wese akeneye, nk'abahungu n'abakobwa b'Imana. Mbere yo guhunduka byo, mukeneye guhura n'Ikintu runaka mu buryo bwihariye, murabona. Uko biri kose… Muzi ko Ijambo ari ukuri; muzi Ritunganye, ariko igihe habayeho guhura n'ikindi kintu hanyuma mukabona gisohoye, mumenya ko muri mu nzira nziza. Kandi mwitegereze, ibyo bizahora ari ibyanditswe. Ibyo bizagendana neza neza n'Ibyandiswe.

Isengesho ry'Amuramu ryari rigendanye neza neza n'Ibyanditswe. Amasengesho yabo yakurikizaga Ijambo ryasezeranijwe. Imana yari yarasezeranye kubikora, icyo gihe. Barabisengeye, kandi umwana wari utegerejwe aza ku isi.

29 Mukurikire neza ! Yo ! mbega ukuntu mbikunda ! Murabona. Igihe Farawo yicaga abana bose, murebe, babicishaga inkota, inkota ya marayika, bashyiraga abana bato mu kiraro cy'amafarasi, bakabajugunyira ingona, kugeza ubwo ingona zabyibuhijwe no kurya abana b'abaheburayo.

Ariko Bibiliya ivuga ko ababyeyi batatinye itegeko Farawo yari yatanze ryo kwica abana. Ntibaritinye. Ntibari bafite ubwoba, kuko uhere ku itangiriro, bari barabonye ikintu runaka muri urwo ruhinja. Bari baraarubonyemo igisubizo cy'amasengesho yabo.

Mose yari afite inyuma ayo mateka yose ; nuko amenya ko yari yaroherejwe ku bw'umugambi umwe wo gucungura abana b'Isirayeli.

Murabona amateka aregeranijwe. Igihe mwakiriye ikintu mukabasha kugihamirisha Bibiliya mukavuga muti : « Iki kizaba », dore kirabaye ; « Hazabaho iki n'iki igihe runaka », kandi dore kirabaye ; « Kiriya kizabaho igihe runaka », dore kirabaye, noneho, byose bikusanirijwe hamwe biduha ishusho.

30 Yoo! mbega ukuntu iyi ngando, muri iki gitondo… Mwene Data Neville, iyo tubona imisatsi yacu ihindutse imvi n'intugu zacu zihetamye, n'isi iteraganwa, twakagombye kubona ko isezerano riri hafi gusohora! Mpora ntekereza ko, umuntu asimbutse akagwamo akabisobanukirwa,

C'est cela... J'ai souvent pensé que, si quelqu'un pouvait sauter là-dedans d'un seul coup et qu'il ne comprenait pas cela, ou plutôt qu'il comprenait cela et qu'il y entrait du coup, cela l'enverrait presque jusque dans l'éternité, avec simplement... — tellement cette chose pourrait vous enlever — et cela, sans même le réaliser. Oh ! juste pénétrer dans les choses que nous avons vues, que nous connaissons et que nous comprenons, et sauter là-dedans d'un seul coup. Cet homme ou cette femme, ce garçon ou cette fille, lèverait probablement les mains et dirait : « Allons-y, Seigneur Jésus ! » Voyez-vous ? Oh ! l'heure est si proche !

31 Mose, amaze kumenya ko yavutse ku bw'uwo mugambi, arebera mu idirishya yitegereza Abaheburayo bakoranaga imbaraga. Hanyuma areba mu Byanditswe ahanditswe ngo : « Bazabayo imyaka magana ane (murabona), ariko Nzabakurayo n'ukubiko kwanjye gukomeye. »Nyuma, yuko Mose abonye umurimo we no gusigwa kwe, aragaruka ; mu kwizera, abona abo bantu amenya ko bari abana b'Imana, kuko Ijambo ryarabivugaga. Ntibari ab'isi kandi ntibari bameze nk'abandi. Bari batandukanye. Bitandukanyaga n'icyubahiro cya Egiputa.We yagombaga kuba umuhungu wa Farawo uzasimbura ku butegetsi.

Ariko hari ikintu cyari muri we, kwizera nyako, kutarebaga ku bintu no ku cyubahiro yari agiye kugira. Yarebye ku isezerano ry'Imana, amenya ko igihe cyegereje. Ni byo byari mu bitekerezo bye!

32 Ndashaka kuzabivuganaho nawe umunsi umwe, igihe tuzahurira hakurya. Muravuga muti : « Ah ! ni ubupfapfa, mwene Data ! » Ariko siko biri ! Nzahura na we, kubw'ubuntu bw'Imana. Yego. Umunsi umwe, nzavugana na Mose ubwe. Mbega ukuntu nifuza kuzamubaza… igihe yari yiteguye.

Mbega ubuyobe, hamwe na satani wavugaga ngo: « Ah ! ubwoko ntibuzakwizera. Yego, nta gaciro kari muri ibyo. »

33 Ariko igihe iyo mbuto yabonye Ubuzima, hariya hejuru, hari ikintu cyamukozeho amenya ko hari ikintu kigiye kuba. Yarabimeye. Yarebye ku isaha, amenya igihe. Yarabimenye. Ni kangahe yatekereje, arimo kubyitegereza.

Nuko, igihe yamaze gukusanya ibyo bintu byose yari yabonye, igihe cyavuzwe n'Ibyanditswe, isengesho rya nyina na se, kuvuka kwe kudasazwe, ubwana bwe budasanzwe… Igihe cyose, habaga hari ikintu imbere muri we.

Hanyuma, atekereza ko yakoresha imyitozo ya gisirikare yakuye ku ishuri kugira ngo abohore abana b'Isirayeli, ariko ntibyakunda.

Hanyuma, ajya mu butayu, arongorayoinkumi nziza y'umunyetiyopiyakazi, babyarana umwana w'umuhungu bamwita Gerushomu.

Umunsi umwe, ubwo yari aragiye umukumbi, abona igihuru cyaka umurira ku mpinga y'umusozi, cyagurumanaga. Azamukayo kandi ntabwo byari igitekerezo cyangwa inzozi, ahubwo muri we… Mu Mucyo harimo Imana y'Aburahamu, Inkingi y'Umuriro mu gihuru, uwo Murirowasohokaga nk'umuyaga udakongora igihuru. Kandi Ijwi ry'Ibyanditswe, Ijwi ry'Imana, rimubwira ribinyuriyemo riramubwira riti :« Nagutoranije. Ni wowe mugabo. Naguhagurukije kubw'uwo mugambi. Ndaguhamiriza hano, n'ibimenyestso, ko uzajya kubohora b'Isiraheli, kuko Ijambo Ryanjye rigombagusohora. »Ndaguhamirizahano n'ibimenyetso, ko uri bujjye kubohora abana b'Isirayeli, kuko Ijambo Ryanjye rigomba gusohora. »

Yo ! Ijambo Ryayo ry'uyu munsi rigomba gusohora ! Turi muri icyo gihe. Icyo undi muntu wese yavuga, Ijambo rigomba gusohora. Ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo Ryayo ntirizashira.

34 Noneho, igihe Mose yashyize hamwe ibyo bintu byose, byahaye gusigwa kwizera kwe. Amina ! Yo ! ya ya ! Mbega igitekerezo ! Kubona mu Cyanditse cyagaragazaga neza neza icyo ari cyo, kuba Imana yaravuze, gihamya cy'uko yari ihari, ibyo byose bisiga kwizera kwari muri we kugira ngo akore umurimo.

Ibyo byadufasha iki! Dukeneye kwihana. Dukeneye ububyutse. Ninjye wivuga. Murabona? Nkeneye kunyeganyezwa. Hari ikintu nkeneye. Navuze ko ari jye wivuga, muri iki gitondo, cyangwa kubindeba. Nkeneye gukanguka

Kandi igihe ntekereje kuri iki gihamya gikomeye, byose biratunganye. Byose bisiga ukwizera kwa

Mose. Ya ya ! abona ko ntakintu kirimo.

35 Reba uko yahunze Egiputa, mugihe yashoboraga gutangira kwigaragambya cyangwa ikintu nk'icyo; yashoboraga guhaguruka agatangira imyigaragambyo muri Egiputa, yashoboraga gufata ingabo akarwana, ariko, murabona… akagira ibihumbi mu ruhande rwe. Ariko, aho gukora ibyo aratinya, nubwo yari afite ingabo mu ruhande rwe.

Ariko noneho, aragarutse, nyuma y'imyaka mirongo ine, afite imyaka mirongo inani, hamwe n'inkoni gusa mu ntoki. Kubera iki? Kuko icyagurumanaga mu mutima we cyahindutse ukuri. Yari asizwe, yari aziko afite UKO UMWAMI AVUZE. Ntacyari kumuhagarika. Ntiyari akeneye ingabo. Imana yari kumwe nawe; nibyo gusa yari akeneye: kuba ari kumwe n'Imana.

Yo ! Igihe uzi ko Imana yagutumye gukora ikintu runaka kandi ukabona gitera imbere, ntacyagisimbura. Ni ibyo.

36 Ndibuka inshuro Umwami yambwiraga kubintu byagombaga kubaho ; hanyuma, igihe najyagayo, narabihasangaga, gute… Yo ! mbega ukuntu bitangaje ! Ibintu biri munsi yo kuyoborwa. Ni ibyo, murabona, kuko Imana yabivuze.

Ndibuka… Benshi muri mwe muribuka ka gahungu gato kazutse mu bapfuye, muri Finilande, nyuma yo kugongwa n'imodoka. Nari mpagaze aho, iruhande rw'umuhanda, nigira hirya y'uwo mwana ; ndahindukira ndeba inyuma. Noneho umuntu ankora kurutugu, nibwira ko ari mwene Data Moore, ariko nta muntu wari undi iruhande.

Noneho ndeba inyuma, hanyuma, ndeba ku musozi. Mbona… ndatekereza : « Noneho, mbona ko hari aho nawubonye ; nyamara, ntiturigera tuhaza, twanyuze mu kindi cyerekezo. Uyu musozi urihe ?»

Nuko ndareba mbona imodoka yangiritse aho ngaho, mbona ako gahungu gato karambaraye aho ngaho n'udusatsi… ?... Nkuko twabivugaga hano, amaso yarerembuye, nkaya mwene Data Way wa munsi, igihe yasambaga ; na kaguru ke kasohotse mu isogisi, ingingo ze zavunaguritse ; amaraso ava mu maso ye, mu mazuru no mu matwi. Nabonaga agapataro ke kagufi, gafashwe n'ibifungo, …n'udusogisi twe duto tuzamuye nkuko twayambaraga kera.

37 Noneho ndeba hirya no hino, niko byari bimeze neza neza nkuko Umwuka Wera yari yarabimbwiye mu myaka ibiri ishize, kandi mwese, mu gihugu hose, mwabyanditse muri Bibiliya zanyu, ko bizasohora. Yo ! noneho biragaragara imbere yanyu ! Nubwo yapfuye ntacyo bivuze ; icyo umuntu yavuga cyose ; byose byarangiye. Agomba kuzuka.

Ndavuga nti : « Niba uyu mwana atazutse mu bapfuye, noneho ndi umuhanuzi w'ikinyoma ; Imana nyigaragaje nabi, kuko, mu gihugu cyanjye, hashize imyaka ibiri, Yambwiye ko ibyo bizasohora. » Noneho, babwiriza mwese mufate aho byanditse kugifuniko cya Bibiliya zacu, ngibi neza neza. Musome kuri icyo gifuniko ahavuzwe ko bizaba mu gihugu harimo kuriduka kw'ibitare n'ibindi, ko ariho azapfira… ko azaba ari iburyo bw'umuhanda. Ndavuga nti : « Ngibi ; ntacyabihagarika. » Byose biri munsi yo kuyoborya.

Kwizera kwari mu mutima wanjye kwarasiwe. Yo ! iyaba nashoboraga kubisobanura. Kwizera narimfite mu Mana, kwambiye (kandi ntikujya kuneshwa), Yarambwiye ati : « Ibintu biri munsi yo kuyoborwa. Dore ibyo Nakweretse, mu myaka ibiri ishize, dore neza neza ngibi. Icyo ugomba gukora, ni ukuvuga Ijambo !» Ako gahungu gato karazuka. Murabona ?

38 Iyo mbonye mwene Data Sothmann, mwene Data Banks Wood n'abandi, bintera gutekereza ibyabaye urya munsi ku muhanda w'i Alaska, kandi hano, ku rusengero, nababwiye ku nyamaswa ijya gusa n'impongo, ifite amahembe areshya na santimetero y'uburebure, n'idubu. Ntabwo nigezeyo njyayo mbere, nagiyeyo guhiga, n'uburyo byari kuba, n'abantu bari kuba hamwe nanjye, n'uburyo bari kuba bambaye. Buri umwe wese yari abizi, ibyumweru n'ibyumweru mbere yuko biba.

Igihe nagiyeyo, iyo nyamaswa yari ihari, ntabizi. Ndayegera… Ntibyashobokaga. Umuhigi yumvise iyi bande, yasobanukirwa ko udashobora kwegera inyamaswa hanyuma ngo ntisimbuke yiruke. Ariko iyi nyamaswa yo ntiyirutse.

39 Imanitse hariya, mu biro byanjye, ndetse n'idubu. Ku ruhande hari irati, metero, ku bwo gupima uburebure bw'amahembe. Kandi ihembe rimwe rireshya hafi santimetero 5 cyangwa zirenga hagati y'igihe rihehereye n'igihe ryumagaye, ariko ntirigabanuka. Ireshya neza neza na santimetero 106. N'idubu rirambaraye hariya ireshya na metero 2 y'uburebure kandi byose biracyameze nkuko byari biri.

Ariko, uriya mugabo yarambwiye ati : « Noneho, reba, Mwene Data Branham, twafashe iyi nyamaswa wavugaga, ariko wari wambwiye ko uri bufate idubu mbere yuko ugera munsi y'umusozi, aho abahungu bari hamwe n'uriya wambaye ishati y'icyatsi. »

Ndamubwira nti : « Ni UKO UMWAMI AVUZE. Imana yabivuze. »

« Nuko aravuga ati Mwene Data Branham, ndi kureba mu birometero nta kintu mbona. Idubu iraturuka he ? »

40 Nsubiza nti : « Ntabwo ari njye ubaza ibibazo. Imana yabivuze, kandi Ni Yehiva Yire. Ishobora kuzana kuzana hariya idubu.» Kandi Yarabikoze, dore ngiyi. Ni ibintu biri munsi yo kuyoborwa.

N'igihe Mose yabonye ko yahamagariweuwo mugambi hanyuma ahura amaso ku maso n'iyo Mana Ikomeye yari yaramuhamagaye, ikamusiga ikanamugaragaza, ikamubwira iti :« Ni umuhamagaro wawe, Mose Ndagutumye. Ngiye kukwereka Ubwiza Bwanjye kandi dore Ndi aha mu gihuru kigurumana. Jyayo ! Nzabana na we. », ntiyari akeneye n'inkoni. Yari afite Ijambo, Ijambo rihamirijwe. Aragenda. Ibyo bisiga kwizera kwari muri we.

Kandi biduha gusigwa igihe tubona ko tubayeho mu minsi ya nyuma n'igihe tubonye ko ibimenyetso byose biri kugaragara, byavuzwe mu Byanditswe ko bizabaho mu minsi ya nyuma, byinshi mu ijuru kimwe no mu nzego zikomeye za politiki, mu babantu kimwe no kwangirika kw'imyifatire mu isi no mu bagore. Ibyo abagore bazakora mu minsi ya nyuma, ibyo abagabo bazakora, ibyo amatorero azakora, ibyo ibihugu bizakora, n'icyo Imana izakora. Kandi turabibona imbere yacu.

Yo ! bizanye gusigwa ku kwizera kwacu. Bitujyanye mu bintu bikomeye, murabona. Bidutandukanya n'ibindi bintu by'isi, murabona ? Uko turi bato kose, uko turi bacye kose, uko baduseka kose n'uko badukoba kose, ntacyo bihindura. Ni ibyo. Turabibona ; hari ikintu imbere muri twe. Twari twaratoranijwe kubona iki gihe kandi ntakizatubuza kukibona. Amina ! Ni ukuri, Imana yarabivuze. Ibyo byamaze kuba. Turabibona. Yo ! mbega ukuntu dushimiye Imana ku bw'ibi ! Yo ! bizamura kwizera kwanyu, iyo tubonye ibi bintu bigaragaye hano.

41 Dusomye hano ko, Moseyatekereje yuko gutukwa bamuhora Kirisito ari ubutunzi buruta ubw'Abanyegiputa. Yatekereje yuko gutukwa bamuhora Kirisito…

Noneho, mwibuke: Gutukwa ku bwa Kirisito. Murabona ? Uratukwa iyo ukorera Kirisito. Niba uri icyamamare mu isi, ntushobora gukora… ntiwakorera Kirisito. Oya. Ntiwabishobora, kuko, hari ugutukwa kujyana nabyo. Isi ihora ihora isiga icyasha ku bakorera Kirisito.

Hashize imyaka amagana, hariho gutukwa kwajyana nabyo. Hanyuma Mose, farawo ukurikira, yagombaga kwima ingoma nyuma ya Farawo, nk'umwana we, yari agiye kuba farawo mushya, ushimwe n'abantu, nuko abona gutukwa ku bwa Kirisito nk'ubutunzi bukomeye kurusha icyari cyo cyose Egiputa yashoboraga kumuha. Egiputa yari u biganza bye. Ariko nyamara, yari azi ko harimo gutukwa mu gukurikira inzira ya Kirisito. Ariko yari anejejwe no kumenya ko muri we harimo ikintu cyamuteraga kureba Kirisito… gutukwa ku bwa Kirisito byari ikintu gikomeye kurusha icyubahiro cyose yari yararazwe. Yari afite muri we umurage ukomeye kuruta icyo umurage wo hanze wari waramuhaye.

42 Yo ! Iyaba twari tumeze gutyo, uyu munsi, tukareka Umwuka Wera agasiga ibyo dufite muri twe, uku kwizera, kugira tubeho ubuzima butunganye kandi bweguriwe Kirisito !

Hamwe n'uko kwizera yari afite, yafashe uko gutukwa nk'icyubahiro.

Uyu munsi, umuntu ashobora kuvuga ati :« Uri umwe muri bo ?» Mukabigirira isoni.

Ariko yabifashe nk'ubutunzi bukomeye kurusha isi yose, kuko muri we harimo ikintu yashoboraga kuvuga :« Yego, ndareba kuri ibi. Birubashywe cyane. Nejejwe no kuba umwe muri bo. » Murabona ? « Nejejwe no kubarwa mu mubare w'Abaheburayo aho kubarwa mu b'Abanyegiputa. »

43 Abakirisitu, uyu munsi, bakagombye kuguva gutyo : « Nejejwe no kwitwa umukirisitu nkigomwa ibintu by'isi na gahunda z'isi, atarii gusa nk'umwe mu bagize itorero, ahubwo nk'umukirisitu wabyawe ubwa kabiri ubaha nkuko Ibyanditswe bivuga. Nubwo abo dusengana bamfata nk'ukundirira, mbifata nk'ikintu gikomeye kuruta uko naba ndi icyamamare cyo mu murwa cyangwa mu gihugu. Ni byo nahitamo aho kuba umukuru wa Leta Z'unze Ubumweza Amerika cyangwa kuba umwami. (Murabona ?) Mbiha agaciro gakomeye cyane, kuko Imana, mu mbabazi Zayo, yambonye mbere yuko isi ishyirwaho urufatizo ishyiramo imbuto nto mu imbere, Yarampamagaye kandi ndimu mwanya wanjye.

44 Nkuko Pawulo yavugaga, yafataga umurimo we… Murabona, yo! Imana yaramuhamagaye imubuza kuba umwigisha ukomeye nka Gamaliyeli. Ariko Pawulo yari yarahamagariwe kuba igitambo cya Kirisito. Murabona? Kandi, Ni bimwe.

Mwitegereze, hamwe n'uko kwizera, ntiyizeye ibyo yabashaga kureba. Yahabonaga gusa itsinda ry'abantu bakata icyondo, abacakara, imfugwa, bica buri munsi, bakubita, bahora bakoba; bakobaga imyemerere yabo. Kandi hari Farawo wari ku ntebe y'ubwami, utari uzi iyobokamana ryabo. Ntacyo yari ariziho. Yari umupagani.

Niko bimeze uyu munsi ! Ni iyobokamana ritandukanye ! Kandi ni Mose, wari wicaranye n'umukuru w'igihugu, cyangwa umugabo ukomeye, Farawo wari gufata umwanya nyuma yo gupfa kwe, kuko yari

akuze… Nuko Mose atekereza ko uwo muhamagaro… Arebera mu idirishya rimwe na Farawo yareberagamo, kuko yari mu nzu ye.

Nuko Farawo areba hanze abona abantu bazamuraga ibiganza byabo, bari gukubitwa, kugeza ubwo bapfuye, babahora ko basenga. Babacumitaga icumu, iyo babaga basuzuguye, kandi barababakoreshaga kugeza igihe bagize umunaniro mwinshi, bakabaha igice cy'ifunguro. Bari abantu gusa bakundirira.

45 Nyamara, Mose n'uko kwizera yari afite muri we, arabareba aravuga ati : « Ni ubwoko buhawe umugisha bw'Imana. » Amina ! Ndabikunda. Hamwe n'uko kwizera, ntiyarebye ku cyubahiro cya Egiputa ; ahubwo yarebye ku isezerano ry'Imana. Ijisho rye ry'ikizu cyo kwizera rireba hejuru y'icyubahiro cya Egiputa. Mwibuke, yahindutse noneho « ikizu » ; ni umuhanuzi, kandi ijisho rye ry'ikizu rereba hejuru y'ibyo bintu. Yo ! mbega ukuntu mbikunda ! Yego. Yo ! ya ya !

Yo ! ni incuro zingahe uyu munsi, abakirisito bishingikiriza ku bumenyi bwabo n'ibyo bashobora kubona cyangwa bashobora kumva, kuruta kwizera kwabo ! Mwishingirikiza ku byo mubonesha amaso yanyu no ku by'agaciro. Ni nkamwe, bagore, mpora mbabwira ko mugomba kureka imisatsi yanyu igakura kandi ntimugomba kwisiga amarangi, kandi ko mugomba kwitwara nk'abagore b'abakirisito. Uyu munsi mu muhanda mubona abagore bambaye mu buryo butiyubashye. Noneho mugatekereza muti : « Ni umwe mu bagize itorero ; kuki njye, ntabikora ? » Murabona ? « Yogosha umusatsi ; kuki njye ntabikora ? Asa nk'uwitonda kandi n'umunyabwenge, kandi andusha no kugira imyitwarire myiza. Kuki ntakora nkawe ? Nakagombye kubikora. » Igihe mubikoze, muca intege kwizera kwanyu, murabona ? Ntimuha amahirwe kwizera kwanyu ngo gukure. Mutangirire kuri ibyo, nkuko nabivuze.

46 Umuntu yarambwiye ati : « Mwene Data Branham, abantu bagufata nk'umuhanuzi. Ntugomba gucyaha abagore n'abagabo kuri ibyo bintu, nkuko ubikora. Ugomba kubigisha uko bahanura n'uburyo bacyira impano.»

Ndasubiza nti :« Ni gute nabigisha imibare, kandi batazi na ABC ?» Murabona ?

Noneho, nimutangirire aho. Mwiyeze, kugira ngo igihe mugenda mu nzira, mugaragare nk'abakirisito, murabona. Hanyuma, mukore nk'abakirisito. Murabona ? Kandi ntimwabyishoboza ubwanyu, bisaba ko Kirisito aba muri mwe. Kandi niba iyo mbuto ihari n'Umucyo ukayimurikira, izatanga Ubuzima. Iyo mbuto nitabona Ubuzima, bisobanuye ko nta kintu cyari muri yo cyari kubona Ubuzima, kuko bigaragarira ku zindi. Murabona ? Ihita ibona Ubuzima igihe cyose Umucyo uyimurikiye.

47 Ni ugucyaha abagore bari kumva cyangwa bazumva iyi bande. Ni ugucyahwa mushiki wanjye. Niko bigomba kumera ! Icyo mwakora cyose niko bigomba kumera. Mushobora kuba mwarabaye umunyedini ubuzima bwanyu bwose. Mushobora kuba mwarabaye mu itorero. So ashobora kuba umuvugabutumwa, cyangwa umugabo wawe akaba umuvugabutumwa, ariko igihe cyose muzasuzugura Ijambo ry'Imana, byerekana ko aho nta Buzima burimo. Igihe mubonye ikintu kigaragajwe n'Ubuzima bw'Umwuka Wera… Mwitegereze igihe Ibyo bikoze ku bandi. Murebe ibyo bakora. Ibigaragaye kuri bo ku mpamvu z'ibyo, ntibitangaje.

Mbega gucyahwa kw'abafarisayo baregaga Yesu, igihe Yashoboraga gusoma ibitekerezo byabo, Bamuregaga kuba Belizibuli !

Ariko ya maraya iravuga iti : « Uyu Mugabo ni Mesiya ! Ibyanditswe bivuga ko ari byo Azakora.» Murabona ? Imbuto yatoranijwe yari ihari. Kandi igihe Umucyo wayimurikiye, yagize Ubuzima. Ntimushobora guhisha ubuzima.

Ushobora kumena beto ku bwatsibugashiraho mu gihe cy'imbeho. Igice kinini cy'ubwo bwatsi kiri he, mu gihe cy'urugaryi ? Ku mpande ya beto. Mu byukuri, ntimushobora gutangira imbuto iri kurumbuka munsi ya beto igihe izuba ritangiye kurasa. Iyo mbuto izishakira inzira igende icengera, izamura umutwe ku cyubahiro cy'Imana. Murabona ? Ntimushobora guhisha ubuzima.

Igihe izuba rirashe ku bimera, bigira ubuzima.

48 N'igihe Umwuka Wera arasiye Ibyanditswe biri mu muntu, bitanga imbuto zabyo, ako kanya. [Mwene Data Branham avugije intoki.-Umwanditsi...]

Nuko uki mwaba mukiranuka kose, muri abanyakuri n'ibyo muvuga ko mutari biriya… Abagore bambara batikwije n'ibindi, bakora ibiteye isoni mu muhanda… Nubwo mwizera ko mwe atari ko mumeze, kandi ko mushobora guhamya ko mutari abasambanyi, ariko dukurikije Igitabo cy'Imana, muri abasambanyi. Yesu yaravuze ati :« Umuntu wese ureba umugore akamurarikira aba yamaze gusambana nawe mu mutima.» Kandi ni mwe mwambara mutikwije. Murabona, ntimwabibona, keretse mufite ubwo Buzima.

Mureba undi muntu, mukavuga muti :« Nzi mushiki wacu Jones. Mwene Data Jones ni… ni Umukozi w'Imana. Umugore akora iki na kiriya.»

Icyo akora cyose, Iri ni Ijambo. Yesu yaravuze ngo :« ijambo ry'umuntu rigaragare nk'ikinyoma,

Iryanjye rigaragare nk'ukuri.» Ni Bibiliya. Kandi igihe Umucyo uje ku Ijambo, rigomba gutanga Ubugingo.

49 Ijisho rikomeye rya Mose, ijisho ry'ikizu, rireba hejuru y'icyubahiro cya Egiputa.

Ku bizera nyakuri b'abakirisito uyu munsi, icyo itorero rivuga cyose, icyo umuntu avuga cyose, igihe Umucyo uje ku mbuto bakabona guhamirizwa kw'Imana, iyo Nkingi y'Umuriro iri hejuru aho ngaho, n'ibimenyetso n'ibitangaza byasezeranijwe, Ibyanditswe bibivugaho, ibona Ubuzima. Uko baba ari bacye kose. Abantu b'Imana bahora ari bacye. Murabona? « Ntutinye, mukumbi muto, kuko So yashimye kubaha Ubwami. »Murabona ? Barabyumva. Imana ihatiwe kubakura mu madini yose, mu bintu byose, n'ahantu hose kugira ngo Babubone, niba barateguriwe Ubugingo.

50 Mwitegereze umusaza Simiyoni, wari ufite Ubuzima butunganye. Igihe Mesiya yinjiye mu rusengero, mu ishusho y'Uruhinja mu biganza bya Nyina, Simiyoni, yari ahantu arimo gusoma, Umwuka Wera aramuhagurutsa, kuko yari ategereje. Ubwo Buzima muri we. Aravuga ati: « Sinzapfa ntabonye Umwami Kirisito. » Kandi Umwami Kirisito yari mu rusengero. Umwuka Wera amukura mu murimo we aramuyobora, aragenda afata Uruhinja mu biganza bye, avuga ngo: «Emerera umugaragu Wawe yitahire mu mahoro, kuko amaso yanjye yabonye agakiza Kawe. »

Mu nguni hari umukecuru w'impumyi, witwa Hana, wakoreraga Umwami amanywa na nijoro. Nawe yavugagango: « Mesiya araje. Ndikumubona aza. » Nyamara, yari impumyi. Uwo mwanya Aje… Ubwo Bugingo bwari muri we, bwavugaga ko Aje… Nuko ubwo Bugingo bumwe, Umucyo winjira mu nzu mu ishusho y'Uruhinja, Umwana w'ikinyendaro, afurebye mu bitambaro Bye, anyura mu nzu. Umwuka Wera ukora kuri wa mukecuru, anyura hagati y'abantu, ayobowe n'Umwuka, ahagarara hafi y'urwo Ruhinja. Aha umugisha nyina Umwana na nyina, nuko amuhanurira ahazaza He. Murabona ? Yari afite Ubuzima Butunganye. Murabona ? Murebe, nta duzeni yari ihari.

Ubugingo umunani gusa nibwo bwarokotse mu gihe cya Nowa. Ni ubugingo bucye, ariko ubwari bufite Ubuzima butunganye bwarinjiye icyo gihe. Murabona uburyo Umwaka Wera akora muri buri gisekuru ? Aza abantu.

51 Noneho, tubonye ko kwizera kwa Mose kwamugejeje kukubona icyo azaba, atari icyo yari cyo. Murebe ejo aho kureba uyu munsi. Murebe isezerano ako kureba icyubahiro. Murebe ku bantu aho kureba ishyirahamwe. Murabona, ni cyo Imana yakoze.

Loti yashoboraga kureba agaciro k'imitungo yo muri Egiputa, cyangwa i Sodomu. Loti yashoboraga kureba uburyo yagira amafaranga menshi. Loti yashoboraga kureba uburyo i Sodomu yaba wenda… Nk'Umuheburayo, yashoboraga kuba umuntu w'ingenzi hariya, kuko yari umuntu w'intiti kandi ari na mwishywa w'Aburhamu. Ahitamo kujya i Sodomu. Ubwenge bwa Loti muyobora kureba k'ubutunzi. Ubwenge bwa Loti bumuyobora kureba ku migisha y'umunyacyubahiro. Ariko kwizera kwe nta mbaraga kwari gufite kuko kutabonaga umuriro wari ugiye kurimbura ubwo buzima.

Kandi niko abantu bameze uyu munsi. Babona uburyo bwo kuba umwe mu bagizi ishyirahamwe rikomeye, cyangwa kugira umwanya ukomeye mu murwa, ariko ntibabone ko kwizera kwabo nta mbaraga gufite. Reka mbisubiremo, kugira ngo bitumvikana nabi. Abagore, b'iki gihe, nkuko nabivuze, bashaka kwitwara nk'ibyamamare bya filimi. Abagabo, b'iki gihe, bashaka kwitwara nk'abanyarwenya bo kuri televisiyo.

52 Abavugabutumwa, b'iki gihe, bashaka guhindura amatorero yabo nk'icumbi rigezweho. Babona uburyo bwo kuba musenyeri cyangwa umugenzuzi mukuru, cyangwa ikintu nk'icyo, nibakomeza guhuza n'itorero, bakareka Ibyanditswe biri imbere yabo, bihamirijwe n'imbaraga z'Imana n'Ijambo rizima ry'Imana, rituye mu bantu. Ariko, ntibabishaka. Baravuga bati :« Ntidushaka kwinjira muri ibyo bintu.» Byatuma batakaza ikarita y'umunyamuryango. Byababakura mu idini. Nyamara, ni abantu b'abanyakuri nka Loti, wari uri hariya i Sodomu wari uzi ko ibyo atari byo. Murabona ? Bigenda bite iyo bagenza batyo ? Bagagaza kwizera gucye bari bafite. Ntigushobora gukora.

53 Nuko, Mose arabisiga, kwizera kwe kugagaza isi.

Wenda kwizera kwanyu kuzagagaza icyubahiro, cyangwa se icyubahiro kizagagaza kwizera kwanyu. Mugomba guhitamo kimwe. Kandi, murabona, Bibiliya ntijya ihinduka ; Imana ntihinduka. Ni Imana idahinduka.

Kandi tubona ko abantu b'iki gihe, bareba ku bintu, ku mashyirahamwe akomeye. « Ndi umwe mu bagize itorero runaka.» Murabona ? Hanyuma bakajyayo. Kandi mwitegereze ko nta tandukaniro n'abantu bo mu muhanda. Ntarihari. Bafite ubwenge, hanyuma bakabwishingikiriza. Iyo muvuze ku byo gukira kw'indwara, iby'Inkingi y'Umuriro, iby'Umucyo w'Imana, bavuga ngo : « N'ibyo mu mutwe.»

54 Urya munsi umuntu yafashe iyi foto ya Marayika w'Umwami ; yari umuvugabutumwa w'umubatisita, Arayiseka. Murabona, ni igitutsi, murabona ? Nta kubabarirwa ku bw'ibyo.

Ni cyo Yesu yavuze. Ni igitutsi. Igihe Mumubonye akora imirimo imwe nka Kirisito. Igihe babonye iyo mirimo muri Kirisito, wari Igitambo, Bamwita Belizebuli, dayimoni, kuko Yakoraga iyo mirimo. Aravuga ati :«Ndababariye, ariko ubwo Umwuka Wera azaza gukora bimwe, Nimuvuga ijambo rimwe gusa kur We, ntimuzigera mubabarirwa, hano ku isi, no mu isi nshya.» Murabona ? Ijambo rimwe gusa, murabona ?

Mu by'ukuri, nimugira Ubuzima bw'Iteka, ubwo Buzima buzatemba igihe muzabubona. Muzabumenya, nka wa mugore muto ku iriba n'abandi. Ariko niba adahari, ntashobora kubona Ubuzima, kuko nta kintu kirimo cyagira Ubuzima. Nka mama wanjye yari afite akamenyero kukuvuga ngo :«Ntimwakura amaraso mu gitunguru», kuko nta maraso ari muri cyo. Ni kimwe n'ibyo.

55 Kandi ibyo bica intege kwizera gucye mufite. Loti yashoraga kubona icyubahiro, ariko ntiyari afite kwizera guhagije ko kubona umuriro wari kuzarimbura icyo cyubahiro.

Ndibaza niba dufite kwizera guhagije, uyu munsi. Ndibaza nk'abagore bashaka kwamamara, bashaka kwitwara nk'abandi bagore bo mu itorero. Bashobora kubona uburyo bwo kuba umugore w'uburanga bagaragara nk'inkumi, bogosha umusatsi bitwara nk'abandi, cyangwa nk'ibyamamare bya filimi. Ariko ndibaza niba bitaragagaje kwizera kwabo, kuko tuzi ko Bibiliya ivuga ko umugore ukora ibyo atari umugore wubashywe. Kandi umugore wambara umwambaro w'umugabo ni ikizira imbere y'Imana; amapantaro, n'ibindi, n'amakabutura bambara. Kandi abantu barinangiye cyane kugeza aho bihinduka ibisanzwe kuri bo. Ndibaza niba batagagaza kwizera gucye bari bafite kwabajyanaga gusenga, murabona. Niko bigenda.

56 Loti niko yabigenje, hanyuma biramugagaza ndetse bigagaza abari bamukikije. Ntiyashoboraga kubibona.

Ariko Aburahamu, se wabo, yari afite kwizera guhamirijwe, ntiyarebye ku cyubahiro, ntacyo yabishakagaho, nubwo yari abayeho mu buzima bugoye mu bwigunge, hamwe na Sara, mu butayu aho ibintu byari bigoye, ku butaka bwumye, ariko ntibarebye ku cyubahiro cyangwa kuba ibyamamare.

Sara yari umugore w'uburanga mu gihugu, Bibiliya irabivuga; yari afite uburanga, kurusha abagore bose. Aguma aho ngaho kugeza ubwo yanamuhamagaye mwami wanjye. Bibiliya imuvugaho kugera mu Isezerano Rishya, ivuga iti:« ...binyuriye muri we muhinduka inkumi, igihe cyose mwumviye kwizera.» Murabona ? Yahamagaye umugabo we umwami we.

Marayika w'Umwami asura urusengero… cyangwa agahema kabo hariya, arabaganiriza. Ntibari bafite n'inzu yo guturamo, babaga ahantu hari ubutaka bwumye. Murebe uwo munsi uragarutse neza neza nk'ubushize.

57 Mose, no kwizera kwe gukomeye, yabashije kuvuga oya ku bintu by'ubu by'isi ya none akora amahitamo meza. Ahitamo kwihanganira imibabaro hamwe n'ubwoko bw'Imana. Ahitamo kujyana nabwo. Kubera iki? Kubera kwizera kwe. Yarebye isezerano; areba imperuka y'ibihe; areba ejo hazaza nuko akoresha kwizera kwe. Ntiyitaye ku byo amaso ye yarebaga, ntiyita ku mahirwe yari afite yo kuba farawo, ahubwo yarebe ku by'ejo hazaza.

Yo! iyaba abantu bakoraga batyo! Ntiyarebye ku by'isi ya none. Nimureba ku by'isi ya none, nibyo muzahitamo. Muhindukirire iby'iy'isi, murebe ku isezerano ry'Imana ku bw'ejo hazaza.

Ku bwo kwizera, yashoboye guhitamo. Ahitamo kwitwa umwana w'Aburahamu yanga kwitwa umwana wa Farawo. Yabikoze ate, kandi isi yose… Egiputa yari yarigaruriye isi. Yari umwami w'isi; yari umusore w'imyaka mirongo ine, witeguye kwima ingoma, ariko ntiyarebye ku bwenge bwe.

58 Mwitegereze abagore bari kuba bamukikije, abo bagore b'umwami. Mwitegereze icyubahiro: yashoboraga kwicara akanywa vino, areba abo bagore bambaye ubusa, bari kubyina bavuye ku isi hose, n'ubutunzi bw'ingabo ze. Icyo yari gukora gusa, ni ukwicara akarya amafunguro meza, akavuga ati:« Mwohereze ingabo ahantu runaka mufata kiriya gihugu. Ndashaka ko kiba icyanjye. » Ni cyo yari kuba afite cyo gukora : kwicara aho, akabumburira umunwa abo bagore beza bambaye ubusa ngo basukemo vino ndetse bamugaburire, ahoberana n'abo bagore beza bose ku isi. Ibyiza byose byari aho ngaho, hafi ye.

Ariko se yakoze iki? Yarabihindukiriye. Yari azi ko umuriro uri hafi kubitwika. Yari azi ko urupfu ruri aho hantu, murabona. Yari abizi ahubwo yirebera abantu b'insuzugurwa badasobanutse banzwe; mu kwizera, ahitamo gutukwa ahorwa Kirisito aribwira ati: « Ndi umwana w'Aburahamu; ntabwo ndi umwana wa Farawo. Nubwo mwangira musenyeri, cyangwa umudiyakoni, cyangwa umwepisikopi, cyangwa papa, ntabwo naba byo. Ndi umwana w'Aburahamu ! Kandi nitandukanije n'iby'isi.» Amina, amina ! Ku bwo kwizera, niko yabigenje.

59 Yanze icyubahiro. Yanze amahirwe yo kuba musenyeri. Yanze ubusabe bwo gutorerwa kuba umwepisikopi cyangwa umugenzuzi mukuru mu matora azakurikira; arabyanga. Yanze kureba kuri ibyo.

« Ni mba musenyeri, igihe nzinjira, abantu bazavuga ngo :'data Wera, cyangwa Mwigisha Untel,

cyangwa Musaza Untel…' Abavugabutumwa bose ku materaniro bazankomanga mu mugongo bavuge bati :'Rwose, uriya musore afite pe.' 'Yo ! Shi ! Shi ! Shi ! nimutuze, dore musenyeri araje.' Murabona ? 'Ibyo avuga bifite imbaraga' Murabona ? 'Dore Untel araje'» Abantu bazafata indenge bave hirya no hino ku isi ngo baze kureba papa bamusome ku birenge, ku mpeta n'ahandi hose. Yo ! Mbega amahirwe ku ba gatulika, ku baporoso, yo kuba musenyeri cyangwa umugenzuzi mukuru, cyangwa ikintu nk'icyo, umuntu ukomeye mu ishyirahamwe !

Ijisho ryo kwizera reba hejuru y'ibyo. Mureba ku iherezo kandi muzi ko Imana yavuze ko byose bizarimburwa. Kwizera, iryo jisho ry'ikizu, ribazamura hejuru y'ibyo, mukareba iby'ejo hazaza, atari ibya none, kandi mugahitamo kwitwa umwana w'Aburahamu.

60 Farawo, utari ufite kwizera, yafashe abana b'Imana nk'abakundirira. Kuko nta kwizera yari afite, yabagize abacakara, kuko ibyo yavugaga ntibyamuteraga ubwoba. Ntiyatinyaga Imana. Yavugaga ko ari we mana. Yatekerezaga ko ibigirwamana akorera we nka musenyeri, umugenzuzi mukuru, yatekerezaga ko ari ibigirwamana bye biri gukora ibyo ko Imana yabo nta kintu ivuze. Niyo mpamvu yabahinduye abacakara. Yarabasekaga, arabasuzugura, nkuko bimeze uyu munsi, ni kimwe neza neza.

Kwizera kwa Mose kwabarebaga mu Gihugu cy'isezerano, nk'ubwoko buhawe umugisha. Byari urugamba rukomeye kubageza ku isezerano, ariko Mose ahitamo kujyana na bo. (Mbega ukuntu numva nakomeza kubivugaho, ariko igihe cyagiye.) Murabona?

61 Muzirikane, ko cyari ikintu gikomeye, guhindura ibitekerezo by'abo bantu.« Ugomba kujya kubana na bo. Ugomba kuba umwe mur bo ; kandi bamaze kuba abanyabwenge cyane ku buryo udashobora kubimura. (Murabona ?) Ariko hari ikintu kigomba kuba. Ikirenze icya kamere kigomba kubaho. Bizaba ari ikintu kigoye : amashyirahamwe azaguha akato kandi ibyo bintu byose bazaza. Biteye ubwoba, ariko ibyari byo byose ugomba gukora amahitamo. »

« Ndi umwe muri bo. » Yego, kwizera kwe niko kwabikoze. Kwizera kwe kwazanye imbaraga. Yego, yego. Yarabibonye. Cyari ikintu gikomeye kubageza ku isezerano. Ariko ahitamo kujyana na bo. Atitaye ku myitwarire yabo n'uburyo bahabwaga akato, ajyana na bo. Asohokana na bo.

Ndizera ko musobanukiwe icyo nshatse kuvuga!« Uko biri kose jyana na bo. Ba umwe muri bo ! Ni ukuri, kuko ari inshingano zawe. Birashoboka ko ari intambara ikomeye n'ingorane nyinshi, ariko uko biri kose jyana na bo. »

62 Ariko kwizera kwe kumuyobora kuguhitamo Ijambo aho guhitamo icyubahiro. Yafashe Ijambo. Ni cyo Mose yakoze. Igihe kwizera kurebye ku ruhande rusuzuguritse Imana itanze… Mwibuke ko hariya hari icyubahiro, isi, icyari hejuru y'ibindi, ni umwami w'isi. Hanyuma se isezerano ry'Imana ryari he? Mu isayo, mu bakasi b'icyondo.

Ariko, igihe kwizera kurebye ku ruhande rusuzuguritse Imana itanze, kuhagaragaza nk'ahantu hakomeye kandi h'agaciro kuruta icyo isi igaragaza ko ari cyiza! Yego, yego. Igihe kwizera kurebye kuri ibyo, igihe kwizera kubonye Ijambo rigaragajwe, ibyo biruta icyubahiro cyose, biruta kuba umwepisikopi n'ibindi byose mwavuga. Kwizera kurabikora. Murabona? Mushobora kureba ibisuzuguritse, bidafite agaciro kandi byanzwe, uko byaba bimeze kose, nyamara kwizera kuzabifata nk'ibiri hejuru cyane ku birometero miriyoni kurusha icyo icyiza isi yatanga. Amina!

Ni yo mpamvu turirimba iyi ndirimbo ngo: « Nzajyana n'umubare muto w'insuzugurwa z'Umwami.» Murabona ? Mbega !

63 Kuko, kwizera kureba ku byo Imana ishaka. Yo! ndizera ko biri kwinjira! Kwizera ntikureba ku by'iki gihe. Kwizera ntikureba ku biriho none. Kwizera kureba ibyo Imana ishaka gukora nyuma. Ni cyo kwizera gukora. Kureba ko cyo Imana ishaka n'icyo Imana ishaka gukora, kandi kwizera gukorera muri ibyo.

Kwizera ni iyerekwa rya kure. Ntikureba hafi, guhora gutumbiriye intego. Amina ! Umurashi wese arabizi. Murabona ? Ni imboni ya kure. Ni telesikopi. Ntabwo ari indorerwamo zo kureberamo ibidukikije. Ntimukoresha indorerwamo kugira ngo murebeho isaha ; murabona, ntabwo ari byo muzikoresha, ahubwo muzikoresha ku bwo kureba kure.

Kandi ni cyo kwizera gukora. Kwizera gufata indorerwamo z'Imana, kukazifata ku mpande zombi, Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya, kukareba buri sezerano Yatanze. Kwizera kukarebéramo. Kwizera kubihitamo, kutitaye ku by'iki gihe. Kureba ku iherezo. Ntikureba ku biri hafi. Kureba hariya. Gutumbira amaso neza neza Ijambo. Ni cyo kwizera gukora. Ni ukwizera kuri mu muntu, gukora ibyo bintu.

64 Noneho, mwitegereze ! Icyo Farawo yitaga igikomeye, Imana yacyitaga ikizira. Farawo yashobora kuvuga ati : « Reba hano, Mose ; uzaba farawo ukurikira. Nzagusigira iyi mva nimpfa. Nzagusigira iyi nkoni ; ni iyawe.» Murabona ? Birakomeye.« Uzaba umuntu ukomeye, Mose. Uzaba musenyeri. Uzaba iki, na kiriya n'ibindi. Ntuzave hano. Guma hano.» Ariko, mirebe, abyita ibikomeye, ariko Imana ivuze ko byari ikizira.

Noneho, mwe bagore, mutekereze umunota umwe, namwe bagabo. Icyo isi yita ko gikomeye, Imana icyita umwanda. Bibiliya ntivuga ko ari ikizira ko umugore yambara umwambaro w'umugabo? Kandi mwiyita ko muri abanyabwenge iyo mukora ibyo. Murabona? Mugaragariza imibiri yanyu satani. Ntimukabikore!

Na mwe, bagabo, mubayeho nk'ab'isi ndetse mwiruka inyuma y'ibyo bintu! Na mwe, bagabo, mudafite ubutwari bwo kubuza abagore banyu gukora ibyo: Mukozwe n'isoni! Kandi mwiyita abana b'Imana? Kuri njye, musa nk'Abatinganyi. Murabona? Ntabwo ari ugukomeretsa amarangamutima yanyu, ahubwo ni ukubabwiza Ukuri. Urukundo rurakosora. Niko ruhora.

Umubyeyi utita k'umwana we, utamukosora, utamucishaho akanyafu cyangwa utamwigisha kubaha, ntabwo ari umubyeyi mwiza. Ni ukuri.

65 Noneho, murebe ibyabaye. Mose yabibonye mu iyerekwa, ariko Farawo aravuga ngo:« Ibi birakomeye.» Imana iravuga iti :« Ni ikizira.» Nuko, Mose ahitamo icyo Imana yari yavuze.

Noneho, mwitegereze: Kwizera kureba ku cyo Imana yifuza ko mureba. Murabona? Kwizera kureba icyo Imana ireba.

Ariko ibitekerezo n'ubwenge bireba ku cyo isi ishaka ko tureba. Mwitegereze, ibitekerezo: « Noneho, ni ubwenge bw'umuntu gusa. Birumvikana… Ese ibi byo si byiza ? » Murabona ? Ni ko bigenda neza neza, igihe mukoresheje ubwenge buhabanye n'Ijambo, ni cyo isi ishaka ko mureba.

Ariko kwizera ntikureba kuri ibyo. Kwizera kureba icyo Imana yavuze, murabona. Muvanaho ibitekerezo.

66 Ibitekerezo, ubwenge bireba icyo isi ishaka ko mureba, bisobanuye amadini akomeye.

« Uri umukirisito ? »

« Yo ! Ndi umuperesibiteriyani, umumetodisita, luteriyani, pentikoti » n'ibindi. « Ndi iki na kiriya. » Ni ibisobanuro. « Ndi umwe mu bagize Itorero rya Mbere. » Murabona ? « Yo ! ndi umugatulika. » « Ndi iki na kiriya. » Ni ko muvuga. Ariko ibyo, ni ibisobanuro. Mukunda kubivuga, kuko ari idini, ikintu gikomeye : « Dufite abayoboke benshi, kurusha ayandi matorero mu isi (murabona), twe … »

Ariko hari Itorero rimwe nyakuri, kandi Ntimuriteraniramo. Murivukiramo. Kandi iyo Muriteraniyemo, Imana nzima Ubwayo ibakoreramo kugira ngo yimenyekanishe. Ni ho Imana ituye, mu Itorero Ryayo. Imana ijya gusenga buri munsi, Iba mu Itorero. Iba muri mwe. Muri Itorero Ryayo. Muri ingando Imana ituyemo. Mwe ubwanyu muri Itorero ry'Imana nzima. Kandi niba Imana nzima iba mu biremwa Byayo bizima, ibikorwa byanyu ni iby'Imana. Niba atari iby'Imana, ubwo nta Mana ihari. Ntizatuma mukora ibyo. Kandi Ivuze hano mu Ijambo, umugambi Wayo : « Ntimugakore ibyo », ariko murarenga mukabikora ; murabona, ntabwo ari byo. Iyo mubihakanye, byerekana ko nta n'Ubugingo buri muri mwe. Murabona ? Ni ukuri.

67 Kwizera kwayoboye Mose mu nzira yo kumvira. Mwitegereze : Mose yari… Dore Farawo muto ; dore Mose muto, bombi niko bagaragaraga.

Mose areba urubwa rw'ubwoko, arubona nk'ubutunzi buruta ibyo Egiputa yari ifite byose. Hanyuma ayobowe n'ukwizera, akurikira icyo kwizera kwe mu Ijambo kwavugaga, kumuyobora mu nzira yo kubaha hanyuma kumugeza no mu Bwiza ; ahinduka udapfa mu kugaragara kw'Imana.

Ibigaragara ku maso, n'ibyiyumviro ndetse n'icyubahiro byayoboye Farawo ku rupfu rwe, ku kurimbuka kwa Egiputa, ihanga rye, kandi guhereye ubwo ntiryigeze rigaruka.

68 Murahari. Nimureba kuri ibi, murapfa. Nimureba kuri Biriya, muzabaho. Noneho, mukora amahitamo yanyu. Imana yabikoze kimwe kuri Adamu na Eva mu ngombyi ya Edeni. Murabona ? Mugomba gukora amahitamo yanyu mu kwizera.

Noneho, mwitegereze : Kurebesha amaso byayoboye Farawo ku rupfu rwe no kurimbuka ku mugi we.

Mose, hamwe no kwizera kwe, ntiyigeze na rimwe atinya Farawo. Murabona ? Ntiyitaye ku Farawo yavugaga. Ntiyongeye kwita kuri Farawo kurusha uko se na nyina babikoze mu gihe cy'akaga. Igihe Mose yakiriye guhamirizwa ko ari we wagombaga kubohora Egiputa… cyangwa ahubwo kuyobora Isirayeli hanze ya Egiputa, ntiyitaye na rimwe ku byo Farwo yavugaga. Ntiyamutinye. Amina ! Amina ! Amina ! Murabona icyo nshaka kuvuga ? [Itorero riti : « Amina.»- Umwanditsi.]

Nta bwoba buba mu kwizera. Kwizera kuriyizi. Kwizera, nkuko mpora mbivuga, gufite ibigango n'ubwoya ku gituza. Kwizera kuvuga ngo : « Nimuceceke ! », kandi bose bagaceceka. Ni uko. « Nzi igihagararo cyanjye ! »

Abandi baravuga bati : « Wenda ashobora kuba yabikoze. Murabona ?

Mugomba guhaguruka mukerekana ibigango byanyu. Nta kindi. Ukwizera kurabikora.

69 Mwitegereze, Mose ntiyigeze na rimwe atinya Farawo, nyuma yuko Imana ihamirije umuhamagaro we. Mose yizeraga ko ari cyo yahamagariwe, ariko, Imana yamubwiye hariya hejuru iti : « Ni ibyo», yaramanutse yerekana imbere ya Farawo n'abandi bose ko yari yaroherejwe muri uwo mugambi, Mose ntiyigera atinya Farawo.

Mwitegereze, Farawo yakoresheje ubwenge bwe kuri Mose. Murebe! Aramubwira ati: « Reka nkubwire, ndashaka kugirana amasezerano nawe. » Nyuma yo guterwa n'ibyago, aravuga ati: « Nzagirana igihango nawe. Genda uramye gato mu gihe cy'iminsi itatu. Genda ugere hariya, ariko ntujye kure cyane. » Ariko, murazi, ni ubwenge bwa Farawo bwamubwiye ibyo, (murabona): « Genda ugere hariya, ariko ntujye kure cyane. »

Ese ntidufite abantu nk'abo uyu munsi ? « Niba mujya mu rusengero, byose bimeze neza. »

70 Ariko, muzi ko kwizera Mose yari afite, kutizeraga mu «iyobokamana rigera aho ngaho gusa. »

Aravuga ati : « Twese tujyayo, turagera ku iherezo. (Ni ukuri.) Tugiye mu gihugu cy'isezerano. Ntitugiye gushinga idini gusa hanyuma duhagarire aho. Tugiye turagera ku iherezo. » Amina ! « Ndagenda kugera ku Gihugu cy'isezerano. Imana yaduhaye isezerano. »

Ni abafarawo bangahe dufite ku gicaniro uyu munsi, abayobozi b'amashyirahamwe ! « Noneho, nimukora gusa ibi na biriya, birarangiye. » Murabona, « hariya gusa ».

Ariko Mose yaravuze ati : « Yo ! Oya, oya; oya! Oya. » Murabona ?

Farawo aravuga ati: « Wabuzwa n'iki ? Niba ushaka kuyoboka ririya yobokomana, ngiye kukubwira icyo gukora : Abakuru nawe ari bo gusa bajya kuramya, urabibona ? Abakuru gusa nawe, mujye kuramya, kuko, mwe mushobora kuriyoboka, ariko ntimurizane mu bantu. »

71 Muzi icyo Mose yasubije ? « Nta n'urwara ruzasigara. Tuzagera ku iherezo. Twese turagenda ! Singenda mbasize. Kandi igihe cyose ndi hano, umfashe ku biganza byanjye. (Amina !) Singenda, keretse nabo nibaza. Nta kindi. »

Yo ! mbega umugaragu w'intwari ! Amina ! «Ndabajyana. Kuko njye, nyifite, nzicara mvuge nti : 'Ese byose bimeze neza'? Oya, oya ! Turashaka n'abantu. Buri umwe muri twe agomba kugenda ! » Amina. Aravuga ati : « Kandi nta kintu turi busige inyuma habe n'intama. Nta n'urukweto ruzasigara. Twese tugiye mu Gihugu cy'isezerano. » Amina !

« Buri umwe muri twe. Ube uri umubyeyi, umukozi wo mu rugo, umukecuru, umusore, umusaza, uwo ari we wese, turi bugende. Nta n'umwe uri busigare. (Amina!) Buri wese aragenda. Ntakiduhagarika. » Ni ukuri. Oh ! ya ya ! Ayo mayobokamana yarimo kubyibazaho icyo gihe, si byo ? Yoo !

Oya, Mose ntiyizeraga muri iryo « yobokamana rigera ». Oya, ntiyizeraga. Yego, yego ! Yoo !

Dushobora kuguma aho umunsi wose, ariko amaherezo ngomba kugera ku isomo ryanjye, hanyuma ngatangira kubwiriza.

72 Mwitegereze. Mwitegereze hano. Mbega ukuntu bihebuje ! Yoo ! ndabikunda ! Muzi ko amaherezo, Farawo yababwiye ngo : « Nimugende ! » Imana imubuza amaharo inyuriye mu ijwi rya Mose, Akubita ibintu byose. Akora ibyagombaga gukorwa byose. Amanura izuba ku gicamunsi. Azana icuraburindi, azana ibikeri, amasazi, inda, n'ibindi ; umuriro n'urupfu, kuri abo bantu. Akora byose, kugeza igihe Farawo yahatiwe kuvuga ngo : «Nimugende ! Mufate ibyanyu byose mugende ! » Yoo ! Imana ishimwe !

Nishimiye cyane ko umuntu ashobora gukorera Imana mu buryo butunganye kugeza ubwo Satani abura icyo amukorera. Ni ukuri. Yubaha Imana by'ukuri kugeza ubwo Satani avuga ngo : « Yoo ! Genda ! Sinshaka kongera kubyumva. » Ni ukuri. Mushobora kubikora mu buryo butunganye.

73 Murabona noneho, iyo Imana idashyigikira Mose, yari kuba igikinisho, ariko Imana yari ihari kugira ngo ibihamirize. Icyo yavugaga cyose cyabagaho.

Farawo yagombaga kugumana igihagararo cye, kuko yari musenyeri, yagombaga kuguma aho. Ntiyagombaga kubihakana. Ntiyagombaga kuvuga oya, kuko byari byarangiye. Nuko amaherezo aravuga ati : « Yoo ! nimugende ! Sinshaka kubumva. Muve hano ! Mufate ibyanyu byose hanyuma mugende ! » Yoo!

74 Noneho turabona hano Mose, nyuma yuko Imana imukoreye byinshi hanyuma Ikamwereka ibimenyetso byinshi n'ibitangaza. Noneho, mu gihe cy'iminota cumi n'itanu, tuvuge kuri ibi. Mwitegereze neza. Mose agera aho…

Imana yari yaramubwiye iti : « Ndi kumwe na we. Amagambo yawe ni Ijambo Ryanjye.

Narabiguhamirije, Mose. Igihe nta masazi yari mu gihugu, nticyari igihe cyayo, uravuga uti : 'Amasazi ni aze.' Nuko amasazi araza.» Ni ukuremwa. Ni nde wazana icuraburindi ku isi, uretse Imana ? « Waravuze ngo :

'Habeho icuraburindi !' Icuraburindi riraza. Waravuze ngo : 'Habebo ibikeri !' Ibikeri biza mu nzu ya Farawo, mu buriri, biza ari byinshi. » Umuremyi ! « Nakuvugiyemo, Mose, kandi nemeye ko Ijambo Ryanjye riremera mu kanwa kawe. Ni ukuri nakugize imana imbere ya Farawo. » Yego, yego. «Narabikoze. »

Nuko bagera ahantu bahura n'ikigeragezo, hanyuma Mose arataka ati : « Nkore iki? »

75 Ndashaka ko mwitegereza ibi. Noneho, ni isomo rikomeye. Ndabikunda, murabona? Murebe Mose… Abana b'Isirayeli batangira kugira ubwoba igihe babonye Farawo abakurikiye, ubwo barakoraga inshingano zabo.

Imana yari yasohoje byose mu buryo butunganye. Noneho, Ibafasha mu urwo rugendo. Akoranya itorero. Bari barahamagariwe gusohoka. Bari bavuye muri buri dini. Baraterana bose. Mose yajyaga hariya akavuga ati : « Mwami, nkore iki ? »

Imana yamubwiraga iti : « Genda ukore iki. Komeza ujye imbere. Noneho, Mose, uzi ko Naguhamagariye gukora ibi. » « Yego, Mwami. »

« Genda, uvuge ibi, kandi bizabaho. » Dore amasazi araje. « Vuga ibyo. » Dore birasohoye. « Kora ibi. » Dore birasohoye. Byose byari UKO NIKO UWITEKA AVUZE, UKO NIKO UWITEKA AVUZE, UKO NIKO UWITEKA AVUZE ! Ubungubu, ahuye n'ibibazo.

76 Nuko Imana iravuga iti : « Noneho, nabayoboye mu rugendo ; bose bahamagariwe gusohoka. Itorero rirateranye, Nabagendesheje. Noneho, Mose, bayobore hariya. Nabikubwiye. Ngiye kwicara Nduhuke gato. »

Mose aravuga ati : « O Mwami, dore umuntu uje hano ! Dore Farawo ! Nkore iki ? » Murabibona, sicyo kibazo umuntu wese ahita yibaza ? Ni ukuri. Atangira gutaka : «Nkore iki ? »

Hano turabona Mose, agaragaza neza neza kamere ya kimuntu ihora ishaka ko Imana ijya inyuma hanyuma ibasunikire mu kintu. Mutegereje ko Imana, nyuma y'ibyo twabonye hano, mutegereje ko Imana ibashyira muri icyo kintu. Murabona ?

Mose yaratinyutse aravuga ati : « O Mana, ngiye Kugusaba, kureba ibyo Uvuga. Yego, yego. Ni byo muvuga. Noneho, nanjye nzabivuga. » Murabona ?

Ariko, hano, Imana yari yamuteguye ku bw'uwo murimo, kandi Yari yarahamirije ko Yari kumwe na we. None dore ikintu kimubayeho, atangira gutaka agira ati : « Nkore iki ? Mwami, nkore iki ? »

77 Noneho, mwibuke ko yari yamaze guhanura, kuko yari yavuze ngo : « Aba b'Abanyegiputa mubona uyu munsi, ntimuzongera kubabona ukundi. » Nyuma, arataka agira ati : « O Mana, dukore iki ? » Murabona ? Nyuma yo gukora akazi keza ko guhanura. Murebe, yari yarababwiye icyari kuba. Ijambo ry'Imana ryari muri we. Icyo yavugaga cyabagaho neza neza. Icyo yari yaravuze cyari kuba, ariko yari aho ngaho ataka ngo : « Nkore iki ? »

Yo! Ntabwo ari ko abantu bateye! Siko nteye ! Siko nteye ! Murabona ?

Yari imaze guhamiriza iti : « Icyo uzavuga kizabaho. Ndi kumwe na we. »

Noneho, hano, haje ikibazo gitunguranye. « Nkore iki ? Nkore iki, Mwami ? Mwami, Uri he? Uranyumva? Nkore iki ? » Nyamara, Yari yamutumye, yamuhamirije, imuha na gihamya kandi byose yari yabikoreye muri we. None hano…« O Mana! » Umuntu ashaka kuruhuka agasigira Imana umurimo wo gusunika.

78 Nyamara, yari azi ko Imana yari yaramusize gukora uwo murimo, kuwukora, kandi Imana yari yahamirije neza imigambi ye. Cyari cyo gihe ko ubwoko bubohorwa. Imana, inyuriye mu bitangaza bya Mose, yari yarabahurije hamwe. Murankurikiye ? [Itorero riti : « Amina. »-Umwanditsi.] Yabahurije hamwe hanyuma ihamiriza amagambo ya Mose. Ibyanditswe niko bibivuga. Ikimetso cyari gihari, gihamya yarihari, kubyo yavugaga byose. Hanyuma, aza hagati yabo nk'umuhanuzi. Icyo yavugaga cyose, Imana yaracyemezaga, kugeza ubwo yaremye amasazi, kandi Irema n'ibindi bintu. Ibyo Yari yaramusezeranije, Yarabikoze.

Ariko yashakaga kumva UKO UMWAMI AVUZE. Murabona ? Yagombaga kumenya ko ndetse no guhamirizwa k'umuhamagaro we kwari UKO UMWAMI AVUZE. Umurimo yari yarahamgariwe wari UKO UMWAMI AVUZE. Murasobanukiwe ? [Itorero riti : « Amina. »-Umwanditsi.] Hmm ! Kuki yari ategereje UKO UMWAMI AVUZE ?

79 Yashakaga kumenya: « Mwami, nkore iki? Nazanye abana b'Isirayeli abageza hano. Reba uko ibintu

bimeza : Farawo araje ; bose bari bupfe. Nkore iki ? Nkore iki ? » Hum ! Hum !

Yari yarahanuye ibyo bari kuzakora. Yari yaravuze neza neza icyo yagombaga gukora. Yari yarahanuye ndetse n'iherezo ry'ihanga yari yarakuriyemo. Ndizera ko musobanukiwe. [Itorero riti : « Amina. »-Umwanditsi.] Murabona ? Mose yari yavuze ngo : « Ntimuzongera kubabona ukundi. Imana izabarimbura. » Imana yari yahanuye ibyari kuzababaho.

None : « Mwami, nkore iki ? » Murabona, kamere muntu? Murabona ? « Nkore iki ? Ngiye gutegereza UKO UMWAMI AVUZE. » Yego, yego. « Ndareba icyo Umwami avuga, hanyuma ngikore. » Yego.

Mwibuke ko habayeho Farawo, muri icyo gihe, utari uzi Yozefu. Murabona ? Kandi Mose yarahagarutse ahanura iherezo ry'iryo hanga.

80 Kandi yari neza neza ahantu ibyo byari kubera, hanyuma arataka ngo : « Nkore iki, Mwami ? Nkore iki ? » Murabona ? Siko abantu bamera ? Kamere muntu siko imera ? « Nkore iki ? » Huum !

Yari yaramaze guhanura. Imana yari yemeye ibyo yavugaga byose kandi yari yarahamagariwe uwo murimo ; kuki se yagombaga kuvuga ati : « Nkore iki ? » Niba hari icyifuzo, ni we wagombaga kukivuga. Imana yashakaga ko Mose ashyira mu bikorwa iyo mpano yo kwizera Yari yaramuhaye. Imana yari yarayihamirije. Ko ari Ukuri. Kandi yashakaga ko Mose… ko ubwoko bubona ko Yari kumwe na Mose.

Hanyuma we, hariya, yari ategereje, avuga ngo : «Mwami, ndi umwana. Ntegereje ko Umbwira ubu ngubu. » « Yego, nzajya kubikora. Mfite UKO NIKO UWITEKA AVUZE. » « Mwene Data, ese UKO NIKO UWITEKA AVUZE?

« Yego, yego, Mwene Data Mose, UKO NIKO UWITEKA AVUZE. » Yego.

« Ndemeye. Ubu ngubu dufite UKO NIKO UMWAMI AVUZE. » Kandi byarabaye. Ntibyigeze na rimwe bineshwa.

Kandi hano, muri ibi bihe, biragarutse na none. Noneho, Imukoresha urugendo. Itorero ryahamagariwe gusohoka. Batangiye urugendo kandi bakomeje kujya imbere. Nuko Mose arataka ati: «Mwami, ese UKO NIKO UWITEKA AVUZE ? Nkore iki ? »

81 Imana yashakaga ko Mose ashyira kwizera Yari yaramuhaye muri iyo mpano Yari yarahamirije. Imana yari yarahamirije neza Mose n'ubwoko ko yari We, binyuriye mu Ijambo no mu gusohora kw'ibintu byari byaravuzwe. Byari byaragaragajwe neza. Ntiyari afite impamvu yo kwiganyira kuri ibyo na none. Murabona ? Ntiyari afite impamvu yo kubitekerezaho, kuko byari byagaragajwe neza. Yari yarabikoze. Yari yarabihamirije ku masazi n'inda avuze mu ijambo rye, ibintu byararemwe, Ijambo ry'Imana ryari muri we.

Hano, agiye Kumubaza icyo gukora, kuko yisanze ahanganye n'ibintu runaka. Murabona ?

Ndizera ko ibi bibinjiramo, hanyuma tumenye aho turi. Murabona ? Ese ibyo bibatera kumva mukomeye ? [Itorero riti : « Amina. »-Umwanditsi.] Noneho mu gihe dutekereza kuri Mose n'amakosa ye, turebe ku yacu ! Yego. Murabona ?

82 Yari azi ko Ibyanditswe bivuga ko cyari cyo gihe n'umunsi aho ibyo byagombaga kuba, kandi yari azi ko Imana yahuye na we mu Nkingi y'Umuriro. Ajya imbere y'abantu, akora ibitangaza. Kandi ibyo yavugaga byose byababagaho, kugeza naho yaremye ibintu, no kugeza aho akora icyo Imana ubwayo yakora, ndetse yerekana ko ijwi rye ryari Ijwi ry'Imana.

Imbere y'izo ngorane, mu gihe yari ayoboye ubwo bwoko mu Gihugu cy'isezerano, bamubona ahagaze ataka ati : « Nkore iki ? » Ni umuntu…

Nka mwene Data Roy Slaughter (ndizera ko yicaye hariya, inyuma y'umuryango) rimwe yambwiye ku muntu wankoreraga ikintu. Naramubwiye nti : « Nakoze ibi, none ubu ngubu hari ikintu runaka. »

Arambwira ati : « Mwene Data Branham, nimwemera ko bishingikiriza ku bitugu byawe uyu munsi, ejo uzabaheka. » Niko abantu bameze. Bishingikiriza ku bitugu byawe uyu munsi, ejo ukabaheka.

Ni uko. Ni cyo Mose yakoraga. Imana yagombye kumuterura, nyuma yuko imwohereje inamuhamiriza ko agomba kubikora ! Abantu baravuze bati : « Mose, vuga Ijambo, nakubonye ubikora hariya, Imana yarakubahishije hariya ; kandi uracyari wa wundi uyu munsi. » Amina ! Murabona ? « Bikore ! » Amina ! Yagombaga kuba abizi ariko ntabyo yamenye.

Ikiriho uyu munsi, ni neza neza icyariho mbere. Ni byo tubona.

83 Imana yari izi byinshi. Birangira birakaje Imana. Iravuga iti: « Kuki Untakira ? Ese Sinakwimenyekanishijeho ? Sinakubwiye ko Nakohereje gukora uwo murimo ? Sinakubwiye ngo ujye gukora ibi na biriya ? Sinagusezeranije ko Nzabikora, ko Nzakuvugiramo kandi ko uzakora ibitangaza ? Sinagusezeranije kubikora ? Sinabikoze nkuko nabivuze, Sinanarimbuye abanzi bose bari bagukikije ? None

uraho, hafi y'injanja Itukura, neza neza mu kazi kawe, ukora ibyo Nari narakubwiye gukora, none urimo kuvuza induru Untakira ! Ntunyizeye ? Ntubona ko Nakohereje gukora ibyo ? »

Yoo ! Nuko, Imana ibona bikabije.

84 Iravuga iti : « Urabikeneye. Uzi ko niba ujyana aba bana mu Gihugu cy'isezerano, ni byiza. Ufungiranye mu nguni. Nta kindi wakora. Hari icyifuzo ! Kuki Untakira ? Kuki Unyishingikirijeho ? Kuki Umpamagara ? Sinabihamirije abantu ? Sinabihamagaye ? Si ibyanditswe ? Sinasezeranije kujyana ubu bwoko muri icyo gihugu ? Sinaguhamagaye, kandi nkubwira ko Nzabikora ? Sinaguhamagaye, kandi Sinakubwiye ko Nakohereje kubikora kandi ko atari wowe, ahubwo yari Njye ? Kandi ko Nzamanuka, Nkakuvugiramo ? Icyo uvuze, Nzacyemeza kandi Nkihamirize ? Sinabikoze ? »

« Noneho, igihe akantu gato kaje, kuki witwara nk'umwana muto ? Wakagombye kuba umugabo. Bwira ubwoko ! » Amina ! « Noneho, jya imbere ! » Amina ! Ni ibyo ! « Witaka, vuga ! » Amina !

Yoo ! ndabikunda ! «Kuki Untakira ? Bwira ubwoko gusa hanyuma utumbire intego yawe. » « Uko byaba bimeze kose, byaba uburwayi cyangwa ikindi kintu, nko kuzura abapfuye cyangwa ikindi, vuga gusa! Narabihamirje. Bwira ubwoko! »

85 Mbega isomo ! Mbega isomo ! Kuri iki gice cy'urugendo tugezemo… Murebe aho tugeze ubu ngubu. Yego mugabo ! mu Gukururwa kwa gatatu. Mwitegereze, turi ku muryango… wo kuza k'Umwami.

Yari asizwe ku bw'uwo murimo, kandi yari agitegereje UKO NIKO UMWAMI AVUZE. Imana yari yamurambiwe. Iravuga iti : « Witaka, vuga ! Narakohereje. »

O Mana! Iri torero ryakagombye kuba rimeze rite muri iki gitondo? Hamwe no guhamirizwa gutunganye kw'Imana, hamwe n'Inkingi y'Umuriro, ibimenyetso n'ibitangaza, byose bimeze nko mu gihe cy'i Sodomu. Yavuze ko bizongera kuba.

Isi iri muri ibyo bihe ; ihanga riri muri ibyo bihe. Abagore bari muri ibyo bihe. Byose birahari : ibimenyetso, udusahane tuguruka n'ibindi, mu kirere, ibyo bintu byose bitangaje; gusuma kw'inyanja, imiraba, imitima ihinda umushyitsi, igihe cy'urujijo, amakuba mu mahanga, ubuhakanyi bw'itorero.

86 Kandi umuntu w'icyaha yaragaragaye, ajya hejuru ya byose byitwa Imana, yicara mu nzu y'Imana, yiyerekana. Nuko kuri iri hanga. Itorero ryashyizeho gahunda, hanyuma yose ateranira hamwe nka bamaraya bakikije maraya mukuru, kandi bose bari mu nzira y'ubusambanyi.

Ubusambanyi ! Ni iki ? Ni ukubwira abagore ko bashobora kogosha imisatsi, kubwira abagore ko bashobora kwambara amakabutura, kubwira abagabo ko bashobora gukora ibi na biriya. N'abavugabutumwa bakora ibyo, ubutumwa busanzwe n'ibindi. Ntimubona ko ari ubusambanyi ku Ijambo nyakuri ry'Imana ?

Imana yatwohereje Ijambo Ryayo nyakuri, atari irya kidini, Ntakirishamikiyeho. Yaduhaye Inkingi y'Umuriro, Umwuka Wera, uri kumwe natwe hashize imyaka mirongo itatu. Kandi ibyo Yavuze byose n'ibyo yahanuye byarabaye neza neza nkuko byavuzwe.

87 « Bwira ubwoko, hanyuma mujye imbere. » Amina ! Dufite intego, ni Ubwiza. Tubusanganire. Turajya mu Gihugu cy'isezerano : « Byose bishobokera uwizeye. » « Bwira ubwoko. Sinabihamirije ? Sinageze aho nemera ko mufata Ifoto Yanjye, n'ibindi, kandi Sinakoze ibishoboka byose kugira ngo nkuhamirize ko Nari kumwe na we ? Ntibyanditswe no mu kinyamakuru, mu byumweru bishize, ubwo wari umaze kubivuga ku gicaniro, amezi atatu mbere yuko biba, none byabaye kandi birahamirizwa ? Ndetse n'ubushakashatsi burabizi. Nyuma y'ibyo Nakoze, uracyategereje na none. Bwira abantu, hanyuma utumbire intego yawe. » Amina !

Natani, ntiyabwiye Dawidi ? Rimwe, umuhanuzi Natani yari yicaye, yitegereza Dawidi, umwami wasizwe, aravuga ati : « Kora ikiri mu mutima wawe cyose, kuko Imana iri kumwe na we. »

88 Yosuwa yari afite gusigwa ko kurwanira igihugu ku bw'Imana n'ubwoko bwayo. Umunsi wari muto ; yari akeneye igihe kinini kugira ngo asoze umurimo yari yarasigiwe, yanahamagariwe. Yosuwa, umuntu, yari yarasizwe. Imana yari yaramubwiye iti : « Nzabana na we, nkuko Nabanye na Mose. » Amina ! « Icyo gihugu, Nzakibaha. Ndashaka ko ujyayo ugatsemba Abamaleki n'Abaheti n'abandi, Abafilisitiya n'Abaferezi, n'abandi bose. Birukane neza neza. Ndi kumwe na we. Ntawuzaguhagarara imbere, igihe cyose uzaba uriho. Ntawe uzakubuza amahoro. Jyayo. » Nuko Yosuwa akuramo inkota ye arababwira ati : « Munkurikire. »

Nuko ajyayo arabarwanya. Hanyuma yakoze iki ? Yanesheje umwanzi. Bari abantu bake hano na hariya. Igihe bwagorobaga, bateraniraga hamwe bose, bakigabanyamo ingabo bagatera umwanzi n'imbaraga. Izuba ryari riri kurenga ! Ntiyapfukamye kandi ntiyavuze ngo : « Uwiteka Mana, nkore iki ? Nkore iki ? » Yaravuze ! Yari afite icyifuzo. Yaravuze ngo : « Zuba, hagarara ! » Ntiyasakuje, yarategetse : « Zuba, hagarara, hari icyo nkeneye. Ndi umugaragu w'Uwiteka, wasigiwe uyu murimo, kandi mfite

icyifuzo. Hagarara kandi umurike. Na we, kwezi, guma aho uri » kugeza ubwo yarangije urugamba rwe kandi ararutsinda.

Kandi izuba riramwumvira.

89 Ntiyasakuje, yabwiye izuba, agira ati: « Hagarara. Zuba, hagarara aho; nawe, kwezi, guma aho uri. » Ntiyasakuje ati: « Mwami, noneho, nkore iki? Mpa umucyo mwinshi. » Yari akeneye umucyo ; ariko yarategetse, kandi izuba ryamwumviye. Yategetse izuba guhagarara.

Samusoni, umugabo usizwe, watumwe n'Imana, ufite impano y'imbaraga, yari yarashyizweho kurimbura ihanga ry'Abafilisitiya. Yateguriwe, avukira ku isi, asigwa n'Imana ku bwo kurimbura Abafilisitiya ! Umunsi umwe, bamugwaho ku rugamba, nta nkota ye afite n'icuma rye, nuko Abafilisitiya igihumbi bamusimbukira hejuru icyarimwe. Ese yigeze apfukama avuga ngo : « O Mwami, ntegereje iyerekwa. O Mwami, nkore iki ? Nyereka icyo ngomba gukora.? » Yari azi ko afite ikibazo. Abona urwasaya rw'indogobe, arwicisha Abafilisitiya igihumbi. Amina !

Ntiyatakiye Imana. Yakoresheje impano ye isizwe. Yari azi ko yahamagariwe uwo murimo. Yari azi ko afite impano isizwe, yica Abafilisitiya igihumbi. Ntiyatakiye Imana ; Imana yari yamutumye kandi yari yarabihamirije inyuriye mu bintu yakoze ; yari umugaragu w'Imana uhamirijwe kandi usizwe ku bwo kurimbura Abafilisitiya, kandi yarabikoze ! Uko ibihe byari bimeze kose, yarabikoze. Nta kintu yasabye. Wari umurimo we. Imana yamukoreragamo. Atoragura urwo rwasaya rw'indogobe arwicisha Abafilisitiya.

90 Kandi inshuro imwe urwo rwasaya rwakubise imwe mu ngofero z'umuringa zipima santimetero eshatu z'ubugari yakagombye kuba yaravunaguyemo iryo gufa uduce miliyoni, ariko yarabishe, kandi rurasigara, ntacyo rwabaye mu kiganza cye.

Nta kibazo yabajije. Ntiyasakuje, yaravuze. Arabanesha. Kurwanya Abafilisitiya! « Mwami, ndwanye Abafilisitiya? Mwami, nzi ko Wanyohereje kubikora. Yego, Mwami, nziko Wanyohereje kurimbura iri hanga ry'Abafilisitiya. Ubu ngubu, hano, hari ibihumbi binkikije ; ntacyo mfite. None, Mwami, ndakora iki ? » Nta kimuhungabanya. Yasizwe ku bw'uwo murimo. Ntacyakugirira nabi, oya, habe na kimwe. Haleluya ! Yafashe gusa icyo yari abonye, arabatsinda. Ni ukuri.

91 Igihe umwanzi yamugose, yaravuze ati : « Noneho, turamufite. Tumufitemo imbere, hamwe n'uyu mugore. Twakinze inzugi zose, ntashobora gusohoka. Turamufite. »

Samusoni ntiyasakuje ati: « O Mwami, bangose hamwe n'iri dini. Huh! Nkore iki ? Nifatanije nabo, nkore iki ? » Ntiyigeze akora ibyo.

Yarasohotse gusa, ashikuza inzugi, azishyira ku bitugu bye, arazitwara. Amina ! Yari asizwe kubw'uwo murimo. Imana yari yaramuhamagaye. Ntibabashije kumukingirana. Oya ! Yajyanye inzugi. Ntiyabisengeye. Ntiyabajije Imana niba yabikora cyangwa yabireka. Byari mu nshingano ze. Amina ! Amina! Mu nshingano ze neza neza. « Kuki Untakira ? Vuga, hanyuma ukomeze. » Amina ! « Witaka, vuga. » Yaretse gusakuza no kwiriza. Yagombaga gukura kugira ngo avuge, ni ukuri. Yari azi ko impano ye y'imbaraga isizwe yashoboraga kurimbura Umufilisitiya uwari we wese uhagaze imbere ye. Amina !

92 Ariko ntitubizi, murabona. Turacyari impinja, n'inkongoro ku munwa.

We yari abizi ! Yari azi ko ari wo mugambi Imana yamuhagurukije, kandi ko nta kintu cyashoboraga kumuhagarara imbere, iminsi yose y'ubuzima bwe. Ntacyashoboraga kumunesha. Yari yarahamagariwe uwo mugambi, nkuko byari bimeze kuri Mose. Ntacyari kumuhagarika, haba n'Abamaleki, cyangwa undi wese washoboraga kumuhagarika. Yari mu nzira igana mu Gihugu cy'isezerano. Samusoni yari azi ko ari mu nzira.

Yosuwa yari azi ko azafata igihugu. Yari ahamirijwe. Ijambo ry'Imana ryari ryarabisezeranije, n'Umwuka Wera wari uhari, urabihamiriza.

93 Yari mu nzira, rero nta cyari kwitambika mu nzira ye. Nta na kimwe! Yari mu nshingano ze hamwe n'Imana. Nta cyari kwitambika mu nzira ye. Nuko, afata inzugi azishyira ku bitugu bye kandi zapimaga hafi toni eshanu, aragenda kugera ku mpinga y'umusozi aricara ; ntacyari kwitambika mu nzira ye. Yari afite impano y'Imana. Nta mpamvu yari afite yo gutaka : « Mwami, nkore iki ubu ngubu ? » Yari yarasizwe kubwo kubikora. Yari UKO UMWAMI AVUZE. « Ikize abo bantu ! » Haleluya ! «Bikize ! Naguhagurikije ku bw'uwo mugambi. » Amina.

« Mwami, nkore iki ? Ndakora iki, ku nyanjya itukura ? »

« Sinakubwiye ko Nari naraguhaye umusozi, hariya, nk'ikimenyetso ? Uri kugaruka kuri uyu musozi, kandi urazana n'abana bato mu gihigu. Sinaguhamagariye uwo mugambi ? Kuki wihebye kubera ikintu cyitambitse mu nzira ? Vuga, hanyuma ujye mbere. Amina et amina ! “Yego, Naguhamagariye uwo mugambi”

94 Dawidi yari azi ko yasizwe kandi ko yahamirijwe nk'umurashi ukomeye. Yari azi ko bazi ko ari indwanyi ikomeye. Dawidi yari asizwe ; yari abizi. Kandi igihe yagaze imbere ya Goliyati, ntiyasakuje ati : « O Mana, nkore iki ubu ngubu ? Nzi ibyo wakoze ubushize ; Wamfashije kwica idubu n'intare, none iby'uyu Goliyati bimeze bite ? » Yego, ntiyigeze abikora ; yaravuze gusa. Yavuze ngo iki ? « Uramera nkuko bari bameze mu maso yawe. » Aravuga hanyuma ajya mbere.

Nta sengesho yavuze ; ntacyo yatanze. Yari azi ko yasizwe. Amina ! Yari asizwe, kandi uriya muhumetso wari icyo wagombaga kuba cyo. Yari yizeye gusigwa kwe. Yari yizeye ko Imana yashoboraga kuyobora iryo buye rikagera neza neza hagati y'ingofero, ahantu hamwe hashoboraga gukomereka. Yari ahagaze aho.

95 Yari azi ko ari umurashi ukomeye. Amina ! Yari aziko ari cyo Imana yamugize cyo. Amina ! Yari azi ko yishe intare. Yari azi ko yishe idubu, ariko ibyo, byari bijyanye n'ubutunzi bwa se wo mu isi. Iyi nshuro, byari bijyanye n'ubutunzi bwa Se wo mu ijuru. Amina ! Ntiyapfukamye ngo avuge ati : « Mwami, nkore iki ? » Yaravuze ati : «Uramera nk'intare n'idubu, dore ndahari ! » Amina ! Imana ishimwe ! Yego, yego ! Aravuga hanyuma ajya guhura na Goliyati.

Atitaye ku buhangange bwe ! Yari umusore muto w'inzobe ; ntiyari munini, ntiyari afite uburanga burangaririrwa. Yari afite amagara mato. Bibiliya ivuga ko yari inzobe. Utitaye ku ndeshyo ye n'ubushobozi bwe bwo gukora.

Noneho, musenyeri aramubwira ati : « Musore,reba gato. Uriya mugabo ni umunyatewologiya, ni indwanyi, yavutse ari indwanyi, yarwanye guhera mu buto bwe. Ntushobora guhangana na we. » Bene se baramubwira bati : « Wa nzererezi we, uje hano kuzerera; subira mu rugo! »

Ibyo ntacyo byamutwaye. Kubera iki ? Yari azi ko yasizwe. «Imana yankijije intare, Imana yankuye mu nzara z'idubu, ishoboye cyane kunkiza mu biganza by'uyu Mufilisitiya. Ndahari ! Nkuteye mu Izina ry'Uwiteka, Imana ya Isirayeli. » Amina ! Ntiyasenze kugeza ubwo asubijwe. Bari baramaze kumusengera. Mbere yuko isi ishyirwaho urufatiro, Imana yari yaramusengeye. Yari yasizwe ku bw'uwo murimo. Yagombaga kuvuga hanyuma akajya mbere. Ni cyo cyonyine yagombaga gukora, kuvuga gusa, no kujya mbere.

Yoo ! ni ko byari bimeze.

96 Yo ! Bene se b'abanyedini, abo bakobanyi, nabo bari aho ngaho. Yoo! Yego ! Bari aho ngaho, bamukoba, bamuseka bavuga bati : « Ah ! Ah ! Ah ! ntiwabishobora. Uri inzererezi gusa. » Ibyo ntibyamuhungabanya na gato. « Urashaka gutandukana n'abandi ; urashaka gusa kwiyerekana. » Iyo bizaba kuba ari ukwiyerekana, byari kuba ari byo koko ; ariko bo barebaga uruhande rw'ubwenge gusa.

Dawidi yari azi ko amavuta yo gusigwa yari kuri we. Amina ! Ibyo ntacyo byamuhinduyeho. Aravuga ati : «Uyu Mufilisitiya aramera nk'idubu n'intare, kuko ndahari. » Abihanura mbere yuko biba. Yari yarakoze iki ? Yari yarishe idubu n'intare. Yari yaricishije intare iki ? Umuhumetso. Hanyuma afata icyuma akicisha idubu. Niko yabigenje no kuri Goliyati. Yamwicishije ibuye, hanyuma akuramo inkota ye amuca umutwe. Ni iki yari yahanuye mbere yuko biba ? « Uramera nk'intare n'idubu. » Kubera iki ? Yavuze Ijambo, avuga ko bizabaho hanyuma ajya mbere kubisohoza. Amina ! Yo ! mwene Data ! Yaravuze hanyuma ahangana n'ikibazo.

97 Niba hari igihe umuntu yagombye kuvuga, ni uyu munsi. Ngiye gusoza mu minota micye, niba mushoboye kwihangana imonota micye. Ndacyafite ibintu bicye nanditse hano, imirongo micye y'Ibyanditswe nshaka kugeraho.

Petero ntiyatatse igihe yasanze umuntu wari ufite kwizera guhagije ko gukira wari uryamye ku irembo ryitwa Ryiza. Ntiyigeze apfukama, kandi ntiyasenze ijoro ryose cyangwa umunsi wose, cyangwa ngo asenge isengesho rirerire, agira ati : « Mwami, Ndagusaba ngo ufashe uyu muntu waremaye. Ndabona ko afite kwizera. Nzi ko ari umwizera, ndamugusabye. Yambwiye ko afite kwizera kandi ko yizeye ibyo namubwiye. Namubwiye ibyo Wakoze none Mwami Ushobora kumpa UKO NIKO UMWAMI AVUZE ku bwe ? »

Oya, yari azi ko yasizwe nk'intumwa. Yari azi ko Yesu Kirisito yamuhaye umurimo : « Kiza abarwayi, zura abapfuye, kiza ababembe, irukana amadayimoni ; waherewe ubuntu, utangire ubuntu. » Aravuga ati : «Petero, jya kubikora ! » Ntiyari akeneye gusenga kugeza ubwo asubijwe, yari yarahawe umurimo.

98 Yavuze ngo iki ? Yaravuze ngo: « Mu Izina rya Yesu Kirisito! » Yavuze Izina rya Yesu Kirisito, amuntu aguma aryamye aho. Amufata mu kiganza aravuga ngo : «Haguruka ! » Arahaguruka kugeza ubwo ibirenge bigize imbaraga, nuko atangira kugenda. Kubera iki? Ntiyasenze ijoro ryose. Ntiyatakiye Imana. Yari azi neza, ko Yesu Kirisito yavuze ko asizwe ku bw'uwo murimo. Yego, aravuga hanyuma aramuhagurutsa, kuko yari azi ko yari intumwa yasizwe ku bw'uwo mugambi.

Abantu bari baryamye mu gicucu cye ntibigeze bavuga ngo: « Yoo ! ngwino Petero, dusengere

uduhere Imana isengesho ryo kwizera. » Oya, oya, ntibigeze babivuga. Bari bazi ko ari intumwa y'Imana, isizwe kandi ihamirijwe. Baravuga bati : « Reka twirambike mu gicucu cye. Si ngomba ko uvuga ijambo. Turabizi ; turabyizeye.» Ubugingo bwari muri bo. Intumwa ntiyashoboraga kubajyaho bose, ariko bo ubwabo bari igice cyabwo.

99 Mose yaravuze ati : « Singenda njyenyine, turagenda twese. Twese dufite icyo gukora. Twese tugomba gusigwa. » Abona iyo ntumwa ihagaze aho, ibona akijije icyo kirema, bari bazi ko atashobora kubazaho, ntibigeze bavuga ngo : « Petero, ngwino udusengere, utegereze igihe uri buhabwe UKO NIKO UMWAMI AVUZE, hanyuma uze utubwire. Dore icyo Umwami avuze. » Baravuze bati : « Iyaba gusa twashoboraga kuryama mu gicucu cye kuko Imana ubwayo yari muri Yesu Kirisito iri muri we, kandi turabona akora nk'ibyo yakoze. » Bakora ku mwambaro wa Yesu banaryama mu gicucu Cye, kandi Yesu yari muri uwo muntu. « Icyi gicucu kidukozeho, twacyira. »

Kandi Bibiliya ivuga ko bose bakize. Nta masengesho y'ijoro ryose yabayeho. Ntibavuze bati: « Mwami, ninjya kuryama mu gicucu cy'iyi ntumwa…» Oya, bari babyizeye. Umucyo wari wabamurikiye. Imitima yari yuzuye. Kwizera kwabo kwari kwabohotse. Amina ! Bari bayizeye, bari babibonye. Ni kimwe n'ibyabaye ku dutumbaro twa Pawulo. (Noneho, ku bwo gusoza.)

100 Yesu ntiyatatse, igihe bamuzaniye umuhungu wasaze, wafashwe n'igicuri, wagwaga mu muriro. Ntiyavuze ati : « Data, Ndi Umwana Wawe, kandi Wanyohereje hano gukora iki na kiriya. Nshobora gukiza uyu muhungu ? » Ntiyigeze avuga atyo. Yaravuze ati: « Satani, musohokemo ! » Yaravuze, umuhungu arakira.

Igihe Yahuye na Legiyoni, yari ifite amadayimoni ibihumbi bibiri muri yo, ntabwo ari Yesu watakaga, yari amadayimoni yatakaga : « Nutwirukana (yoo !), twemerere tujye muri uriya mukumbi w'ingurube. »

Yesu ntigeze avuga: « Noneho, Data, Nshobora kubikora? » Yaravuze ati: « Musohoke muri we. » Hanyuma amadayimoni asohoka yihuta. Mu by'ukuri, Yari azi ko Ari Mesiya.

101 Ku mva ya Lazaro (hashize iminsi ine apfuye), Baramubwiye bati: « Iyo Uza kuba hano, Mwami, ntiyari gupfa. »

Yaravuze ati: « Ni Njye Kuzuka n'Ubugingo. » Amina ! « Unyizera naho yaba yarapfuye azabaho. » Amina ! Yari azi uwo Yari we. Yari azi ko Ari Emanuweli. Yari azi ko ari We Kuzuka. Yari azi ko ari We Bugingo. Yari azi ko muri We harimo umwuzuro w'Ubumana. Abona izo mbabare aho ngaho, nuko Abona icyo Imana Yari yamubwiye gukora.

Ntiyigeze avuga ati : « Noneho, mutegereze, Ngiye gupfukama hano. Mwese, mupfukame musenge. » Yaravuze ngo : « Mwizera ko Nabikora ? » Amina. Ni cyo yabajije.

Ntiyari We, yari bo. « Yego, Mwami, ndizera ko Uri Umwana w'Imana, wagombaga kuza mu isi. » ! Biragaragaye. Hari ikintu kigiye kuba.

« Lazaro, sohoka ! » Yavuze ijambo rimwe arasohoka : «Ese Nshobora ? » Yaravuze gusa. Igihe bagize kwizera, habaye ikintu.

102 Aravuga, impumyi igahumuka ; ikirema kigenda ; igipfamatwi kikumva ; abadayimoni bagahunga ; abapfuye bakazuka. Kubera iki ? ntiyasenze kugeza ubwo ashubijwe. Yari asizwe, Mesiya. Yari Mesiya. Yari azi ko Ari we. Yari azi igihagararo Cye. Yari azi impamvu yoherejwe. Yari azi ko Data Yamugaragaje ngo abe Mesiya w'abizera. Kandi igihe Yahuye n'uwo mwizera ufite kwizera, Yavuze gusa Ijambo. Abadayimoni barahunga. Yego, yego ; witaka, vuga ! Amina.

Yari uburenganzira Bwe Imana yamuhaye, ariko twe siko bimeze. Yari azi icyo Yari cyo, twe siko biri.

Mose yari yabyibagiwe. Samusoni yarabisobanukiwe. N'abandi barabisobanukiwe. Yosuwa yarabisobanukiwe. Mose yarabyibagiwe. Imana irabimwibutsa. Iravuga iti : « Kuki Untakira ? Ni Njye wakohereje gukora uwo murimo. Vuga ! kandi komeza ujye mbere ku ntego yawe. Nakubwiye kuza kuri uyu musozi ; fata aba bana ubajyane kure. Vuga gusa. Ikiri mu nzira yawe, ugikureho. Naguhaye ububasha bwo kubikora. Naravuze. Ku bw'ijambo ryawe, waremye amasazi, inda, n'ibindi bintu nk'ibyo. None ubu, kuki Untakira ? Kuki uje Untakira ayo magambo ? Vuga gusa, urabibona bisohora, nta kindi. » Yoo ! Mbega ! Yoo ! mbega ukuntu mbikunda !

103 Murebe, ibyo Yesu Yavugaga byose, Yavugaga gusa Ijambo, bikaba nkuko Yabivuze. Imana yari yarahamirije neza ko Yari Umwana We. Nguyu Umwana Wanjye nkunda Nkamwishimira ; Mumwumvire.

Mumwitegereze. (Ibi ndabikunda.) Murebe ubutwari n'icyubahiro Yari afite mu mvugo Ze. Amina ! Yaravuze ati : « Musenye uru rusengero, Nzasenga Imana kugira ngo ndebe icyo Izabikoraho » ? « Musenye uru rusengero, Nanjye nzarwubaka mu minsi itatu. » Ntabwo ari: « Ndatekereza ko nzabikora, Nzagerageza kubikora. » « Nzabikora ! » Kubera iki ? Ibyanditswe byarabivuze.

Icyanditswe kimwe cyavuze ko Azazura umubiri We kiduha ububasha, imbaraga. Amina ! « Mu Izina Ryanjye, bazirukana amadayimoni ; bavuga indimi nshya ; bazafata inzoka ; cyangwa nibanywa ikintu cyica, nta cyo kizabatwara na hato. Bazarambika ibiganza ku barwayi, bakire. »« Kuki Untakira ? Vuga, kandi ujye mbere. » Yoo ! « Musenye uru rusengero, Nanjye nzarwubaka. »Yoo !

104 Kandi noneho mwibuke (turasoje) ko yari umwe wavuze muri Yohana 14.12,… : « Unyizera, imirimo Nkora na we azayikora. » Sibyo ? [Itorero riti : « Amina. »-Umwanditsi.] Ni We wabivuze.

Ni Yesu muri Mariko 11.23, wavuze ati : « Ni ubwira uyu musozi…» (ntabwo ari« ni usengera uyu musozi») « ... ni ubwira uyu musozi uti : Shinguka aho, ntushidikanye mu mutima wawe, wizeye yuko icyo uvuze gikorwa, uzakibona. » Ni ubivugana ubwibone, ntibizabaho, ariko niba ari ikintu kikurimo, ko wasizwe ku bw'uwo murimo, kandi uzi ko ari ubushake bw'Imana kubikora, hanyuma ukabivuga, bizabaho.

Ni We wavuze ati : « Nimuguma muri Njye, n'Amagambo Yanjye akaguma muri we, musabe icyo mushaka cyose, muzagihabwa. » Yoo ! Mbega ! Murabona icyo nshaka kuvuga ? [Itorero riti : « Amina. »-Umwanditsi.]

105 Mumbabarire kuri ibi, ariko maze kubyakira, ngomba kubivuga. Ni We wavuze, urya munsi mu ishyamba ati: «Nta muhigo ufite. » Arema inkima eshatu imbere yacu. Byagenze gute? Vuga Ijambo gusa, uvuge uti: « Tuze hano na hariya», kandi twaraje. Ni We wabikoze.

Charlie, Rodney, ni We, hariya i Kentucky ; Nellie, Margie, n'abandi, yari We, ya Mana imwe yari hariya yabwiye Mose iti: « Kubera iki Untakira? Vuga Ijambo. » Ni We waturemye. Ni We. Yoo ! Mbega !

Ni We watanze iyerekwa, hashize umwaka umwe, rivuga ko tuzajya hariya kandi ko Ibimenyetso Birindwi… ko mbere na mbere hazabaho, guhinda kw'inkuba gukomeye kandi ibyo bimenyetso bizaba biri mu ishusho ya piramide. Kandi ikinyamakuru cyitwa Look, nako n'ikinyamakuru cyitwa Life cyarabitangaje ; bimanitse hariya, ku gikuta. Ni We wabivuze.

106 Ni We, urya mugoroba, ubwo namanukaga uyu muhanda, nabonye iyo nzoka nini mamba iri hafi yo kugera kuri mwene data, ni We wavuze ati: «Wahawe imbaraga zo kuyihambira, yo cyangwa indi iyo ari yo yose. »Ni We wabivuze.

Ku mugore wanjye ufite imvi, wicaye hariya inyuma: ni We wankanguye kirya gitondo, mu cyumba; Yari ahagaze mu mfuruka maze aravuga ati: «Ntutinye gukora icyo ari cyo cyose cyangwa kujya aho ari ho hose, cyangwa kuvuga icyo ari cyo cyose, kuko Kugaragara kutaneshwa kwa Yesu Kristo kuri kumwe nawe aho ujya hose. »

Ni We wavuze hariya, i Sabino Canyon, hashize amezi agera kuri atatu, ubwo nasengaga nibaza ibyari bigiye kuba… Ubwo nari mpagaze hariya, inkota igwa mu kiganza cyanjye, maze Aravuga ati: «Ni Inkota y'Umwami. » Yari We.

Ni We wambwiye ati: « Nzakohereza nk'uko Nabanye na Mose.»

107 Ni We wambwiye, hashize imyaka mirongo itatu, hariya ku mugezi, ubwo nari nkiri umusore, umubwiriza w'umusore, mpagaze mu mugezi, hashize imyaka mirongo itatu. Nari mpagaze hariya, ubwo uriya Mucyo, iriya Nkingi y'Umuriro, yamanute mu ijuru, ihagara aho maze iravuga iti: « Nk'uko nohereje Yohana Umubatiza kugira ngo abe integuza yo Kuza kwa Mbere kwa Krisito, Ubutumwa bwawe buzaba integuza yo Kuza Kwe Kwa kabiri» mu isi yose. Ibyo bishoboka bite, mu gihe umwungeri wanjye bwite yasekaga kandi akabiha urwamenyo? Ariko, byagenze neza neza gutyo. Ni We wabivuze. Yego, yego!

Yoo! Ni We watanze buriya buhanuzi kubirebana n'iyerekwa: «Ibyo bizaba. » Ni We wavuze ati: «Niba hari umwe muri mwe, uhanura cyangwa ufite iyerekwa maze akarimenyekanisha, kandi ibyo bikabaho, mwibuke rero ko atari we, ni Njye. Ndi kumwe na we. » Yoo! Mbega! Yoo! mbega ukuntu nakagombye gukomeza kuvuga nti: ni We, ni We, ni We.

108 Ni We wamanutse…Ubwo nababwiraga ko hari Inkingi y'Umuriro, hariya ku mugezi, ntibashoboye kubyizera. Yari We, hariya, hagati…hamwe n'uriya muvugabutumwa w'umubatisita imbere y'abantu ibihumbi mirongo itatu, urya mugoroba, i« Sam Houston Coliseum, igihe bafashe ifoto y'uriya Marayika w'Umwami wari uhagaze aho. Yari We, uko yari ejo n'uyu munsi ni ko ari n'Iteka ryose.

Ni We wahanuye aho ibyo bintu byari kubera. Ni We wavuze ibi. Ni We wakoze ibi bintu. Uko yari ejo, ni ko ari uyu munsi n'iteka ryose. Yakoze ibintu byose neza neza nk'uko Yabivuze. Amina!

Kubera iki nagombye gutegereza? Imana yahamirije Ijambo. Ni Ukuri. Dufate urugendo. Tugende. Dukomereze k'uturari tw'Umwami, dushyire ku ruhande ugushidikanya kose, ibyaha byose. Musukure inzu; muyikube neza.

Nk'uko iyerekwa cyangwa inzozi za Junior Jackson zabivugaga (iyaba yicaye hano), hasigaye amatabaza yonyine. Hasigaye amatabaza gusa atatswe na zahabu, mu nzozi yampaye rirya joro. Yoo!

Mbega!

109 Mwene Data Collins, ntuhangayikire iriya fi. Yari umweru; ntiwari uzi uko ugikemura.

Ntimwemere ibihabanye n'ibyo. Mwibuke ko ibi ari Ukuri, uko Ibyo bishobora kugaragara nko gukundirira, n'ibindi byose. Mujye imbere hamwe n'Ibyo. Ni Umwuka Wera, ya Mana imwe yazuye Yesu Kristo mu bapfuye, Imwe ishobora kurema ibintu binyuze mu Ijambo Ryayo. Iyabayeho mu minsi ya Mose ni Imwe uyu munsi.

Umuhamagaro We, muri iyi minsi ya nyuma…Yahamirije ko «ibyabaye mu minsi y'i Sodoma, bizongera kubaho mu kugaruka k'umwana w'umuntu. » Sodoma iri hariya! Hariyo Billy Graham na Oral Roberts. Kandi itorero ritera imbere binyuze mu bimenyetso bimwe yasezeranye ahantu habiri, none ngibi. Ni We wabivuze.

Yoo Mwami, ntera umwete, ndagusabye. Mfasha, Yoo Mwami Mana! (Ngomba gusoreza hano. Amasaha arakuze.)

110 «Kuki Untakira? Kuki Muntakira, mu gihe Nabahamirije ko Ndi kumwe na mwe? Mbese sinakijije abarwayi banyu? » Niko Yashoboraga. «Mbese Sinababwiye ibintu byabayeho neza neza? Umwungeri wanyu ntashobora gukora ibyo. Ni Njye. We ntiyabishobora, ni umuntu. Aravuga ati ni Njye, Mwami.» «Ni Njye wabikoze. Ni Njye umuhishurira ibyo bintu avuga. Si we, ni Ijwi Ryanjye. Ni Njye uzura abapfuye igihe bashenjaguritse. Ni Njye ukiza abarwayi. Ni Njye uvuga mbere ibyo bintu. Ni Njye ukiza. Ni Njye utanga isezerano. »

Yoo Mana! Ntera umwete wo gufata iyi Nkota y'Ijambo washyize mu kiganza cyanjye hashize imyaka igera kuri mirongo itatu, nkomeze nyifate kandi njye mbere ngana kuri uko Gukurura kwa gatatu; ni isengesho ryanjye. Twunamishe imitwe.

111 Data wo mu Ijuru, amasaha arakuze, ariko Ijambo rirushaho kuba iry'igiciro. Nk'uko tubibona, Mwami, kenshi na kenshi, Kugaragara kutaneshwa kwa Kristo ntikujya kwica gahunda igihe cyose. Mbega ukuntu Nkushimiye ubugwaneza Bwawe no kuturinda… Turabigushimiye!

Ubwo mfashe utu dutambaro mu kiganza cyanjye, Mwami, ni abantu bafite ukwizera kandi bizera Ibi. Reka buri dayimoni, buri ndwara, bive muri aba bantu. Kandi ntegetse buri mwuka wose, uri hano uturutse ku mubi atari ku Mana, buri mwuka wose w'uburwayi, w'ubumuga bwose, n'imibabaro yose… ntabwo turyamye mu gicucu cy'umuntu, ibyakabaye byiza, ahubwo turi mu gicucu cy'Ubutumwa bwiza, Ubutumwa buhamirijwe.

Ubwo Inkingi y'Umuriro igendagenda aha na hariya, muri iyi nyubako, ya yindi imwe Imana yareberegamo, hanyuma inyanja Itukura irafunguka maze Abisiraheli barayambuka…ariko, noneho, mu gihe Ireba, haminjagiwe Amaraso y'Umwana Wayo bwite. Igihe imbabazi n'ubuntu…Emera twubahe, uyu munsi, duhagarike kuvuga, duhagarike gutaka. Tubashe gusobanukirwa ko Waduhamagariye uyu murimo. Iki ni cyo gihe. Mbivuze mu Izina rya Yesu Krisito. Reka buri ndwara zose zive aha hantu.

112 Reka buri mugabo wese na buri mugore, wambaza Izina rya Yesu Krisito, abashe kukwegurira ubuzima bwe bundi bushya. Nkweguriye ubwanjye, Mwami, ku gicaniro cy'isengesho. Ndunamye kandi nitwikiriye isoni, nubitse umutwe wanjye ku butaka aho Wankuye. Mwami Mana, mfite isoni z'intege nke zanjye no kutizera kwanjye. Mbabarira ibyo, Mwami; ntera umwete. Dutere umwete twese.

Ndiyumva, nka Mose, ko twese turi mu nzira idusohora. Ntidushaka gusiga n'umwe. Turashaka kubafata bose, Mwami. Ni Abawe. Mbasabye ku Bwawe. Mwami ha umugisha aba bantu uyu munsi. Bikore. Mpana umugisha nabo, Data, kandi Izina Ryawe rirahimbazwa. Icyubahiro kibe Icyawe. Mwami duhe uko kwizera kw'iteka, mu gihe Tukwiyeguriye, nonaha.

113 Mpagaze kuri iyi Bibiliya, kuri iki gicaniro, Nkweguriye ubuzima bwanjye, Mwami. Nishingikirije kuri buri sezerano Utanga. Nzi ko azahamirizwa. Nzi ko ari Ukuri. Ntera umwete wo kuvuga aya magambo. Ntera umwete, Mwami. Nyobora mu byo ngomba gukora no kuvuga. Ndakwiyeguriye hamwe n'iri torero, hamwe na byo, mu Izina rya Yesu Krisito. Amina.

Kwizera kwanjye kureba kuri Wowe,

Wowe, Mwana w'Intama w'i Kaluvari,

Mukiza!

Umva nonaha isengesho ryanjye,

Kuraho ibyaha byanjye byose,

Yoo! Reka guhera uyu munsi

Mbe Uwawe wese

Noneho, duhaguruke mu ituze, mu gihe tuyiririmbira. [Mwene Data Branham n'iteraniro batangira kuririmba Kwizera Kwanjye kureba kuri Wowe. -Umwanditsi...]

…kuri Wowe,

Wowe, Mwana w'Intama…

(Tumuzamurire gsusa ibiganza byacu nonaha.)

Yoo Mukiza...

(Mwiyegurire Imana nonaha.)

Umva nonaha isengesho ryanjye,

Kuraho gushidikanya kwanjye kose,

Yoo! Reka guhera uyu munsi

Mbe Uwawe wese!

114 Nonaha, tuvugire hamwe, hamwe n'amaboko yacu azamuye: [Iteraniro risubiramo iri sengesho nyuma ya mwene Data Branham.-Umwanditsi.]

«Mwami Yesu, [Mwami Yesu,]

nonaha, [nonaha,]

Ndakwiyeguriye. [Ndakwiyeguriye.]

Bubashe kuba ubuzima bw'umurimo, [Bubashe kuba ubuzima bw'umurimo]

bwera kurutaho. [bwera kurutaho.]

Nsabye ukwizera kurutaho, [Nsabye ukwizera kurutaho,]

kugira ngo njye [kugira ngo njye]

mbashe kuba umugaragu ukwiriye [mbashe kuba umugaragu ukwiriye]

mu buzima bwanjye bw'ahazaza, [mu buzima bwanjye bw'ahazaza,]

kuruta uko namubaye [kuruta uko namubaye]

mu buzima bwanjye bwahise. [mu buzima bwanjye bwahise.]

Babarira ukutizera kwanjye [Babarira ukutizera kwanjye]

kandi utugarurire [kandi utugarurire]

ukwizera [ukwizera]

kwahawe abera rimwe. [kwahawe abera abera rimwe.]

Ndakwiyeguriye, [Ndakwiyeguriye,]

mu Izina rya Yesu Kristo. [mu Izina rya Yesu Kristo.] »

Nonaha, mu gihe twubitse imitwe:

Nk'uko ngendera mu kwijima kugoye k'ubuzima

Kandi agahinda kangose kiyongera, Wowe, umbere Umuyobozi; Tegeka ko umwijima uhindukamo amanywa,

Kuraho ubwoba bwanjye bwose, Sinzongere kuzimirira ukundi, kure Yawe!

115 Igihe twubitse imitwe nonaha : murumva ubutumwa bwo muri iki gitondo bwabaguye neza? [Iteraniro riti: «Amina. »-Umwanditsi.] Bwababateye umwete? [« Amina. »] Niba mubishaka, muzamurire gusa ikiganza ku Mana muvuge muti: «Yoo Mana, Ndagushimiye. » [Yoo Mana, Ndagushimiye.] Nakuzamuriye ibiganza byanjye byombi, kubera ko numva ko ibyo- ibyo byamfashije. Byampaye umwete.

Bimwe mu bintu navuze, sinatekerezaga kubivuga, ariko byakozwe. Ni ugucyahwa ku bwanjye. Si nisanze aho nibwiraga ko ndi, ahubwo natahuye ko nciriwe urubanza rwo gutaka igihe cyose aho kuvuga.

Yoo Mana, mfasha guhera kuri iyi saha, kugira ngo mbe umugaragu wiyeguriye kurushaho.

Sinisengera gusa, namwe ndabasengera, kugira ngo twese hamwe nk'Umubiri wa Kristo wahamagariwe gusohoka mu isi, twitegurire Igihugu cy'isezerano. Kandi Imana intere umwete wo kuvuga no kubereka inzira mu buryo bugaragara, kugira ngo mutabura gukurikira uturari. Nzababwira, binyuze mu buntu bw'Imana, ko nzakurikira uturari tw'amaraso tw'Uwatubanjirije.

Kandi uyu musaraba wera nzawikorera,

Kugeza urupfu rumbohoye,

Hanyuma nzajya mu Rugo kugira ngo nakire ikamba,

Hari ikamba ryanjye.

Tuguhaye ibi, Data, nk'kimenyetso cyo kukwiyegurira, mu Izina rya Yesu Kristo, Umwana wawe. Amina.

116 Dushimiye Umwami kubw'ibi. Imigendere yanyu ibashe kugaragaza ubuzima bwejejwe. Mwiyegurire. Mwuzure ubugwaneza no guca bugufi; mugendere mu Mwuka: Mugende, muvuge, mwambare, mukore nk'abakristo, baciye bugufi kandi b'abagwaneza. Noneho, ntimwemere ko ibi bineshwa. Ijwi ry'Imana rivuga rinyuze mu Ijambo ; Rivuga rinyuze mu mpano. Nk'uko impano iza, indi ikayigaragaza. Indi mpano ikaza ikagaragaza ikintu kimwe. Murabona ? Nyakuri bihuye n'Ijambo kandi bikwiye iki gihe. Imana iri kumwe natwe. Mbega uko Tuyibishimira.

Hamwe n'imitwe yacu yubitse, niba mushiki wacu yaducurangira :

Jyendana Izina rya Yesu,

Nk'ingabo ikingira imitego yose;

Igihe ibigeragezo bikugose,

Vuga gusa iryo Zina ryera mu gusenga.

Mukore ibyo gusa, muvuge Ijambo. Muvuge Izina Rye. Noneho tuyiririmbe, mu gihe dutaha :

Gendana Izina rya Yesu,

Nk'ingabo…;

Ibyo bizakunezeza ndetse bigukomeze,

Yoo! Rigendane aho ujya hose.

Izina rihebuje…

Noneho, duhane ibiganza tuvuga tuti :

Nzagusengera, mwene Data ; unsengere.

Izina rihebuje, Izina rihebuje, Yoo!

Mbega ukuntu rigwaneza !

Ibyiringiro by'isi n'umunezero…

Nonaha, n'imitwe yacu yubitse, turirimbe igitero gikurikiraho.

Gendana Izina rya Yesu,

Gendana Izina rya Yesu,

Nk'ingabo ikingira imitego yose;

Igihe ibigeragezo bikugose,

Ongorera iryo Zina ryera mu gihe usenga.

Izina rihebuje, Izina rihebuje,

Yoo! Mbega ukuntu rigwaneza!

Ibyiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru;

Izina rihebuje, Yoo! Mbega ukuntu rigwaneza!

Ibyiringiro by'isi n'umunezero w'Ijuru;

117 N'imitwe yacu yubitse, noneho, n'imitima yacu, tumenye ko Yesu yatubwiye ati : « Uwumva Amagambo Yanjye, akizera Uwantumye, aba afite Ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo. » Tuzi binyuze mu buntu bw'Imana ko tubifite muri twe ; Twamwiyeguriye, muri iki gitondo, kugira ngo ubuzima bwacu buhinduke uhereye uyu munsi, kandi tubashe kurushaho gutekereza ibyiza. Tuzagerageza kubaho mu bugwaneza no guca bugufi, twizera ibyo dusaba Imana byose, Izabiha buri wese muri twe. Ntituzavuga nabi hagati yacu, ndetse n'undi muntu. Tuzasengera abanzi bacu kandi tuzabakunda ; tuzagirira neza abatugirira nabi. Imana ni Umucamanza k'ufite ukuri n'ufite ikosa.

Dushingiye kuri ibi n'imitwe yacu yubitse, ngiye gusaba incuti yacu, mwene Data Lee Vayle asoze amateraniro n'isengesho. Mwene Data Vayle.

Ibibwirizwa bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7

www.messagehub.info